

# **UBUMENYI N'IKORANABUHANGA RICIRIRITSE**

**ICYICIRO CYA MBERE  
CY'AMASHURI ABANZA**

**Umwaka  
wa  
1**

**Igitabo cy'umwarimu**

**© 2019 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)**

Iki gitabo ni umutungo w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda.

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Ikigo  
Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

# IBIRIMO

## Umutwe wa 1:

<b>Ibikoresho biboneka ku ishuri no mu rugo.....</b>	<b>1</b>
1.1 Intego z'umutwe.....	1
1.2 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe.....	1
1.3 Uruhererekane rw'amasomo.....	1
1.3.1 Isomo rya 1: Ibikoresho by'umunyeshuri n'iby'umwarimu.....	1
1.3.2 Isomo rya 2: Umumaro w'ibikoresho by'umunyeshuri n'iby'umwarimu.....	3
1.3.3 Isomo rya 3-4: Isukurwa ry'ibikoresho byo ku ishuri.....	5
1.3.4 Isomo rya 5: Ibikoresho byo mu rugo.....	7
1.3.5 Isomo rya 6: Amatsinda y'ibikoresho byo mu rugo ashingiye ku mumaro wabyo.....	8
1.3.6 Isomo rya 7-8: Umumaro w' ibikoresho byo mu rugo.....	11
1.3.7 Isomo rya 9-10: Isukurwa ry'ibikoresho byo mu rugo.....	13
1.3.8 Isomo rya 11-12: Isuzuma rikomatanya.....	16

## Umutwe wa 2:

<b>Ibikinisho, ibikoresho binyuranye n'imfashanyigisho.....</b>	<b>25</b>
2.1 Intego z'umutwe.....	25
2.2 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe.....	25
2.3 Uruhererekane rw'amasomo.....	25
2.3.1 Isomo rya 1-2: Ibikinisho bikoze mu mpapuro.....	25
2.3.2 Isomo rya 2-3: Ibikinisho bikoze mu birere.....	26
2.3.3 Isomo rya 3: Ibikinisho bikoze mu bikenyeri.....	29
2.3.4 Isomo rya 4: Ibikinisho bikorwa mu bikarito, udufuniko tw'amacupa n'uduti.....	30
2.3.5 Isomo rya 5: Ibikinisho by'ibibumbano.....	34
2.3.6 Isomo rya 6: Gukora ibikinisho muri parasitike, uduti n'urudodo.....	33
2.3.7 Isomo rya 7: Isuzuma rikomatanya.....	34

### **Umutwe wa 3:**

<b>Ibikoresho by'ibanze mu ikoranabuhanga.....</b>	<b>37</b>
3.1 Intego z'umutwe.....	37
3.2 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe.....	37
3.3 Uruhererekane rw'amasomo.....	37
3.3.1 Isomo rya 1: Kurondora ibikoresho by'nyakiramajwi n'inyakiramashusho.....	37
3.3.2 Isomo rya 2: Ibikoresho by'indangururamajwi.....	40
3.3.3 Isomo rya 3: Ibikoresho by'insakazamashusho.....	42
3.3.4 Isomo rya 4: Isuzuma rikomatanya.....	44

### **Umutwe wa 4:**

<b>Amazi.....</b>	<b>45</b>
4.1 Intego z'umutwe.....	45
4.2 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:.....	45
4.3 Uruhererekane rw'amasomo.....	45
4.3.1 Isomorya 1: Amasoko n'akamaro k'amazi.....	45
4.3.2 Isomo rya 2: Ibyiciro byo kumesa imyenda.....	48
4.3.3 Isomo rya 3: Kuronga ibiribwa bibisi.....	50
4.3.4 Isomo rya 4: Isuzuma rikomatanya.....	52

### **Umutwe wa 5:**

<b>Inyamaswa .....</b>	<b>55</b>
5.1 Intego y'umutwe.....	55
5.2 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:.....	55
5.3 Uruhererekane rw'amasomo.....	55
5.3.1 Isomo rya 1: Inyamaswa zo mu rugo n'akamaro kazo....	55
5.3.2 Isomo rya 2: Inyamaswa zo mu gasozi n'akamaro kazo...57	
5.3.3 Isomo rya 3: Udusimba duto n'ibice bitugize.....	59
5.3.4 Isomo rya 4: Isuzuma rikomatanya.....	61

### **Umutwe wa 6:**

<b>Ibimera.....</b>	<b>63</b>
6.1 Intego z'umutwe.....	63
6.2 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe.....	63
6.3 Uruhererekane rw'amasomo.....	63

6.3.1 Isomo rya 1: Ibimera bihingwa.....	63
6.3.2 Isomo rya 2: Ibimera kimeza.....	65
6.3.3 Isomo rya 3: Isuzuma rikomatanya.....	68

### **Umutwe wa 7:**

<b>Imyanda n'isukura.....</b>	<b>71</b>
7.1 Intego z'umutwe.....	71
7.2 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe.....	71
7.3 Uruhererekane rw'amasomo.....	71
7.3.1 Isomo rya 1: Imyanda ibora.....	71
7.3.2 Isomo rya 2: Imyanda itabora.....	73
7.3.3 Isomo rya 3: Uburyo bwo kwita ku myanda.....	75
7.3.4 Isomo rya 4: Uburyo bwo gusukura urugo n'aharukikije...79	
7.3.5 Isomo rya 5: Umumaro wo gusukura ahadukikije.....	81
7.3.6 Isomo rya 6: Isuzuma rikomatanya.....	83

### **Umutwe wa 8:**

<b>Umubiri w'umuntu .....</b>	<b>85</b>
8.1 Intego z'umutwe.....	85
8.2 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe.....	85
8.3 Uruhererekane rw'amasomo.....	85
8.3.1 Isomo rya 1: Ibice bigize umubiri w'umuntu.....	85
8.3.2 Isomo rya 2: Akamaro k'ibice bigize umubiri w'umuntu....88	
8.3.3 Isomo rya 3: Uburyo bwo gusukura ibice bitandukanye by'umubiri.....	90
8.3.4 Isomo rya 4: Isuzuma rikomatanya.....	93

### **Umutwe wa 9:**

<b>Umubiri w'umuntu .....</b>	<b>97</b>
9.1 Intego z'umutwe.....	97
9.2 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe.....	97
9.3 Uruhererekane rw'amasomo.....	97
9.3.1 Isomo rya mbere 1: Ibikoreshwa karemano.....	97
9.3.2 Isomo rya 2: Ibikoresho.....	100
9.3.3 Isomo rya 3: Isuzuma rikomatanya.....	104



## IRIBURIRO

Kugira ngo hanozwe ireme ry'uburezi, Leta y'u Rwanda yashyize imbaraga mu ivugurura ry'integanyanyigisho no gutegura Imfashanyigisho mu gihe k'ishyirwa mu bikorwa byazo.

Ni muri urwo rwego integanyanyigisho y'isomo ry'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Ricirirtse yavuguruwe. Muri iri vugurura kandi hagendewe kubyo abanyarwanda bakeneye mu ruhando mpuzamahanga. Intego n'ubushobozi by'umunyeshuri bishingirwaho, aho kuba ubumenyi umunyeshuri yasabwaga kugira mu nteganyanyigisho zabanje.

Isomo ry'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse rikubiyemo ibice bibiri by'ingenzi:

- Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse.
- Ikoranabuhanga mu isakazabumenyi.

Imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi bw'umunyeshuri, ijyana kandi n'uburyo bushya bwo kugenzura ibyizwe. Ubu buryo bwibanda ku bumenyi umunyeshuri asanganywe, ubumenyingiro n'ubukeshya agenda abona biturutse ku myigire.

Iyi Nyoborabarezi y'umwaka wa mbere igamije gusobanura uburyo Mwarimu ashya mu bikorwa ibikubiye mu nteganyanyigisho y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciriritse nkuko biri mu mitwe icyenda (9) igaragara mu mbonerahamwe y'ibigomba kwigwa ikurikira:

## Imbonerahamwe y'ibigomba kwigwa

	<b>Umutwe wa 1</b> Ibikoresho biboneka ku ishuri no mu rugo	<b>Umutwe wa 2</b> Ibikinisho, ibikoresho binyuranye n'imfashanyigisho	<b>Umutwe wa 3</b> Ibikoresho by'ibanze mu ikoranabuhanga
Umubare w'amasomo	12	10	12
Intangiriro	Uyu mutwe uha abanyeshuri ibi bikurikira: – ubumenyi ku itandukaniro rishingiye ku mumarow'ibikoresho byo ku ishuri n'ibyo mu rugo. – Ubushobozi bwo gusukura neza ibikoresho byo ku ishuri n'ibyo mu rugo."	Muri uyu mutwe abanyeshuri batangirana n'ikorandabuhanga ryo ku rwego rwabo, ubukorikori bunyuranye bavumbura ibikoresho, kubikora, kubikoresha no kubyitaho.	Abanyeshuri uyu mutwe ubinjiza mu ikoranabuhanga n'isakazabumenyi ryifashisha ibikoresho birimo mudasobwa, inyakiramajwi, inyakiramashusho, terefoni n'ibindi.
Aho isomo ribera	Mu ishuri ryose no hanze y'ishuri	Mu ishuri ryose no hanze y'ishuri	Mu ishuri ryose no hanze y'ishuri.



	<b>Umutwe wa 1</b> Ibikoresho biboneka ku ishuri no mu rugo	<b>Umutwe wa 2</b> Ibikinisho, ibikoresho binyuranye n'ifashanyigisho	<b>Umutwe wa 3</b> Ibikoresho by'ibanze mu ikoranabuhanga
Ifashanyigisho:	Ibikoresho biboneka mu ishuri ndetse n'ibiboneka mu rugo	Umukasi, urwembe, impapuro, ibirere, ibikarito, ibikenyeri, uduti, udufuniko tw'amacupa, agapapuro gafatanyaga izindi, ibumba, amazi, amashashi n'urudodo	Ibikoresho by'ikoranabuhanga bikoresha amajwi n'amashusho: Radiyo, tereviziyo, terefone igendanwa, terefone itagendanwa, mudasobwa, "loudspeaker", "microphone" "headphone" na "camera".
Ibikorwa	<ul style="list-style-type: none"> <li>- kwitegereza, kuganira mu matsinda, kwigana babiri babiri no gukorana babiri babiri, gukorera mu matsinda mato</li> <li>- gusura ibikoresho aho biri.</li> <li>- (kurondora, gutandukanya,...)</li> <li>- gushushanya ibikoresho</li> <li>- gusukura ibikoresho</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- kwitegereza no kwigana ibyakozwe n'abandi, gukorera mu matsinda mato, gukorana n'abandi, kwigira ku bandi.</li> <li>- kubumba ibikinisho</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>gukora ibiganiro nyunguranabitekerezo, kuvumbura wiga, gukorera mu matsinda mato.</li> <li>- kwatsa, kuzimya no gukoreshatereviziyo</li> </ul>

	<p><b>Umutwe wa 1</b> Ibikoresho biboneka ku ishuri no mu rugo</p>	<p><b>Umutwe wa 2</b> Ibikinisho, ibikoresho binyuranye n'ifashanyigisho</p>	<p><b>Umutwe wa 3</b> Ibikoresho by'ibanze mu ikoranabuhanga</p>
<p>Ubushobozi Umunyeshuri yungutse</p>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- gusabanan'abandi</li> <li>- Ubufatanye</li> <li>- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- gusabanan'abandi</li> <li>- Ubufatanye</li> <li>- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo</li> <li>- guhangaudushya kwiga no guhora yiyungura ubumenyi</li> <li>- Ubushakashatsi</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- gusabanan'abandi</li> <li>- Ubufatanye</li> <li>- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo</li> <li>- kwiga no guhora yiyungura ubumenyi</li> </ul>
<p>Ingingo nsanganyamatsiko</p>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Uburezi</li> <li>butavangura: ibikoresho bifasha umunyeshuri wese kugira ubushobozi bugamijwe</li> <li>- <b>Amahoro:</b> gukoresha ibikoresho utibangamira cyangwa ngo ubangamireabandi.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- <b>Amahoro:</b> gukoresha ibikinisho utibangamira cyangwa ngo ubangamireabandi</li> <li>- gucunga neza</li> <li><b>umutungo:</b> gukoresha ibikorerwa mu gihugu.</li> <li>- kwita kubidukikije</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- <b>Amahoro:</b> gukoresha ibikinisho utibangamira cyangwa ngo ubangamire abandi</li> </ul>

	<b>Umutwe wa 1</b> Ibikoresho biboneka ku ishuri no mu rugo	<b>Umutwe wa 2</b> Ibikinisho, ibikoresho binyuranye n'ifashanyigisho	<b>Umutwe wa 3</b> Ibikoresho by'ibanze mu ikoranabuhanga
Ururimi rwakoreshejwe	Ikinyarwanda kiboneye mu mvugo	Ikinyarwanda kiboneye mu mvugo	kuvuga neza amagambo y'Ikinyarwanda
Inyunguramagambo	Amazina y'ibikoresho byo ku ishuri, mu rugo n'amazina y'imikino	Amazina y'ibikinisho ndetse n'ay'ibikoresho byifashishwa mu kubikora, n'amazina y'imikino	Amazina y'ibikoresho by'ikoranabuhanga
Uburyo bwo kwigisha	<ul style="list-style-type: none"> <li>- gukoreramumatsinda mato</li> <li>- kwitegereza/ gukorakora ibikoresho binyuranye</li> <li>- Ikiganiro nyunguranabitekerezo</li> <li>- gukoresha ibikoresho abanyeshuri bahawe</li> <li>- guhurizahamwe ibyakorewe mu matsinda.</li> <li>- gukoreraababyeyi raporo y'isuzuma</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- gukorera mu matsinda mato/babiri -babiri/umwe-umwe</li> <li>- kwitegereza/ gukorakora ibikoresho byakozwen'abandi</li> <li>- Ikiganiro nyunguranabitekerezo</li> <li>- gukoresha ibikoresho abanyeshuribahawe</li> <li>- guhuriza hamwe ibyakorewe mu matsinda.</li> <li>- gukoreraababyeyi raporo y'isuzuma</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- gukorera mu matsindamato</li> <li>- kwitegereza / gukorakora ibikoreshobahawe</li> <li>- Ikiganiro nyunguranabitekerezo</li> <li>- gukoresha ibikoresho abanyeshuri bahawe</li> <li>- guhuriza hamwe ibyakorewe mu matsinda.</li> <li>- gukorera ababyeyi raporo y'isuzuma</li> </ul>

	<b>Umutwe wa 1</b> Ibikoresho biboneka ku ishuri no mu rugo	<b>Umutwe wa 2</b> Ibikinisho, ibikoresho binyuranye n'ifashanyigisho	<b>Umutwe wa 3</b> Ibikoresho by'ibanze mu ikoranabuhanga
Isubiramo	kwibaza no kwikorera isuzumabushobozi ku bikoresho byo ku ishuri / mu rugo	kwibaza no kwikorera isuzumabushobozi ku bikinisho, ibikoresho binyuranye n'ifashanyigisho byakozwe	kwibaza no kwikorera isuzumabushobozi ku bikoresho by'ibanze mu ikoranabuhanga
Isuzuma rinoza imyigire n'myigishirize	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Gusuzuma ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya</li> <li>- gusuzumira mu mikoro yo mu matsinda ubushobozi bw'abanamuri ibi bikurikira:</li> <li>kwitegereza, gusabana n'abandi, ubufatanye ubushishozi no gukemura ibibazo mu kibuga no muishuri</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- gusuzuma ubumenyi ubumenyi ngiro n'ubukeshya</li> <li>- gusuzumira mu mikoro yo mu matsinda ubushobozi bw'abanamuri ibi bikurikira:</li> <li>kwitegereza, gusabana n'abandi, ubufatanye, guhanga udushya, ubushishozi no gukemura ibibazo</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- gusuzuma ubumenyi ubumenyi ngiron'ubukeshya</li> <li>- gusuzumira mu mikoro yo mu matsinda ubushobozi bw'abana muri ibi bikurikira: kwitegereza, gusabana n'abandi, ubufatanye ubushishozi no gukemura ibibazo</li> </ul>

Ibyagezweho muri uyu mutwe bishingiye ku ntego	<p><b>Umutwe wa 1</b> Ibikoresho biboneka ku ishuri no mu rugo</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- gusobanura umumaro w'ibikoresho biboneka ku ishuri no mu rugo.</li> <li>- gusukura ibikoresho biboneka ku ishuri no mu rugo.</li> </ul>	<p><b>Umutwe wa 2</b> Ibikinisho, ibikoresho binyuranye n'imfashanyigisho</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- gukora ibikinisho binyuranye</li> <li>- gukora ibikoresho binyuranye</li> <li>- gukora Imfashanyigisho:</li> </ul>	<p><b>Umutwe wa 3</b> Ibikoresho by'ibanze mu ikoranabuhanga</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- gukoresha ibikoresho byinjiza cyangwa bisohora amajwi n'amashushon'ibyandika</li> <li>- gukoresha terefoni, radiyo na tereviziyo</li> </ul>
--	---	---	---

### Imbonerahamwe y'ibigomba kwigwa (2)

	<b>Umutwe wa 4: Amazi</b>	<b>Umutwe wa 5: Inyamaswa</b>	<b>Umutwe wa 6: Ibimera</b>
Umubare w'amasomo	8	4	6
Intangiriro	Muri uyu mutwe abanyeshuri babashagusobanura akamaro k'amazi n'aho aturuka (amasoko y'amazi) no kuyakoresha mu mirimo inyuranye ijyanye n'ikigero cyabo.	Muri uyu mutwe abanyeshuri babasha gutandukanya inyamaswa zo mugasozi n'izo mu rugo mu karere ishuri ryabo ririmo no kurondora umumaro wazo	Muri uyu mutwe abanyeshuri babasha kubumbira mu matsinda ibimera byo mu karere ishuri ryabo ririmo hakurikijwe ko byimeza cyangwa bihingwa.
Aho isomo ribera	Mu ishuri ryose no hanze y'ishuri.	Mu ishuri ryose no hanze y'ishuri	Mu ishuri ryose no hanze y'ishuri.

Imfashanyigisho:	<p><b>Umutwe wa 4:</b> Amazi</p> <p>Imigezi, inzuzi, ibiyaga, ibyuzi, amazi mabi, amazi meza, ibesani, isabune umuswari, igitambaro cyo guhanagura intoki, amasogisi, Ibikoresho byo kurongerwamo, ibiribwa, ibijumba, ibirayi cyangwa karoti, n'imbogarwatsi</p>	<p><b>Umutwe wa 5:</b> Inyamaswa</p> <p>Ibishushanyo biriho inyamaswa zitandukanye n'udusimba duto abana batoragura. Aho bishoboka hagashakwa inyamaswa nzima: Inka, intama, ihene, urukwavu, imbwa, ingurube, igishuhe, agacurama, imbeba, inkoko, umuserabanya, ifi, inzoka, isazi, ikinyugunyugu, uruyuki, umubu, ikinyabwoya, igitagangurirwa,...</p>	<p><b>Umutwe wa 6:</b> Ibimera</p> <p>Ibishyimbo, ibigori, amasaka, insina, ibitovu, urwiri, kimali, inturusu, umucaca, umuvumu, umusave, igitovu, imiyenzi, icyayi, ikawa, umucaca, inyabarasanya, karabukirwa, igicumucumu, umwenya</p>
------------------	---	---	---

Ibikorwa	<p><b>Umutwe wa 4:</b> Amazi</p> <p>gusura ahari amaso-ko atandukanye, kuganirira mu matsinda mato, gukora ibikorwa bifasha kuvumbura akamaro k'amazi.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– kugereranya amazi</li> <li>– kumesha imyenda yoroheje</li> <li>– kuronga ibiribwa</li> <li>– gukina imikino yateganijwe.</li> </ul>	<p><b>Umutwe wa 5:</b> Inyamaswa</p> <p>kwegeranya udusimba duto, kwitegereza, gukora ibiganiro Nyunguranabitekerezo mu matsinda mato.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>– gushyira mu matsinda udusimbaduto</li> <li>– kuvumbura akamaro k'inyamaswa ziba mu rugo n'iziba mugasozi</li> </ul>	<p><b>Umutwe wa 6:</b> Ibimera</p> <p>gusura no kwitegereza ibimera by'ahakikije ishuri, gukusanya amoko atandukanye y'ibimera by'ahakikije ishuri, gukora ibiganiro nyunguranabitekerezo mu matsinda mato.</p>
----------	---	---	---



	<b>Umutwe wa 4:</b> Amazi	<b>Umutwe wa 5:</b> Inyamaswa	<b>Umutwe wa 6:</b> Ibimera
Ubushobozi umunyeshuri yungutse	<ul style="list-style-type: none"> <li>- gusabana n'abandi</li> <li>- Ubufatanye</li> <li>- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo</li> <li>- Ubushakashatsi</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- gusabana n'abandi</li> <li>- Ubufatanye</li> <li>- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo</li> <li>- Ubushakashatsi</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- gusabana n'abandi</li> <li>- Ubufatanye</li> <li>- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo</li> <li>- Ubushakashatsi</li> </ul>
Ingingo nsanganyamashuri	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Ibidukikije: gushishikariza abana gukoresha amazi ariko batabangamira ibidukikije</li> <li>- Uburezi</li> <li>- n'icungamutungo: gushishikariza abana gukoresha amazi ariko batayasesagura</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Ibidukikije: kumenyeshakira abanyeshuri ko ikinyabuzima cyose gikenewe/gifite umumaro kugirango ibidukikije birambe</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Ibidukikije: kumenyeshakira abanyeshuri ko ikinyabuzima cyose gikenewe/gifite umumaro kugira ngo ibidukikije birambe.</li> </ul>

	<b>Umutwe wa 4:</b> Amazi	<b>Umutwe wa 5:</b> Inyamaswa	<b>Umutwe wa 6:</b> Ibimera
Ururimi rwakoreshejwe	kuvuga neza amagambo y'ikinyarwanda	kuvuga neza amazina y'inyamaswa n'udusimba duta, ndetse n'ibice bitugize	kuvuga neza amoko y'ibimera bitandukanye
Inyunguramagambo	Amazina y'amasoko y'amazi n'amazina y'imikino	Amazina y'inyamaswa, udusimba duta n'ibice bitugize n'amazina y'imikino	Amazina y'ibimera bitandukanye
Uburyo bwo kwigisha	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Urugendoshuri</li> <li>- Ukwiga gushingiye ku ivumbura</li> <li>- Ikiganiro nyunguranabitekerezo mu matsinda</li> <li>- guhuza ibyavuye mu matsinda</li> <li>- guhuza ibyavuye mu matsinda</li> <li>- Raporo kubyavuye mu matsinda</li> <li>- isuzuma</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Urugendoshuri</li> <li>- Ukwiga gushingiye ku ivumbura</li> <li>- Ikiganiro nyunguranabitekerezo mu matsinda</li> <li>- guhuza ibyavuye mu matsinda</li> <li>- Raporo kubyavuye mu isuzuma</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Urugendoshuri</li> <li>- Ukwiga gushingiye ku ivumbura</li> <li>- Ikiganiro nyunguranabitekerezo mu matsinda</li> <li>- guhuza ibyavuye mu matsinda</li> <li>- Raporo kubyavuye mu isuzuma</li> </ul>

	<b>Umutwe wa 4:</b> Amazi	<b>Umutwe wa 5:</b> Inyamaswa	<b>Umutwe wa 6:</b> Ibimera
Isubiramo	kwibaza no kwikorera isuzumabushobozi ku mazi	kwibaza no kwikorera isuzumabushobozi ku nyamaswa ziboneka mu karere ishuri ryubatsemo	kwibaza no kwikorera isuzumabushobozi ku bimera biboneka mu karere ishuri ryubatsemo.
Isuzuma Rinoza imyigire n'imyigishirize	<ul style="list-style-type: none"> <li>- gusuzuma ubumenyi ubumenyi ubumenyi ngiro n'ubukeshya</li> <li>- gusuzumira mu mikoro yo mu matsinda ubushobozi bw'abana muri ibi bikurikira: kwitegereza, ubufatanye, gusabana n'abandi, ubufatanye, ukemura ibibazo</li> <li>- gusuzumira ku gusubiza umunyeshuri abajijwe</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- gusuzuma ubumenyi ubumenyi ngiro n'ubukeshya</li> <li>- gusuzumira mu mikoro yo mu matsinda ubushobozi bw'abana muri ibi bikurikira: kwitegereza, gusabana n'abandi, ubufatanye ubushishozi no gukemura ibibazo</li> <li>- gusuzumira ku gusubiza umunyeshuri abajijwe</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- gusuzuma ubumenyi ubumenyi ngiron'ubukeshya</li> <li>- gusuzumira mu mikoro yo mu matsinda ubushobozi bw'abana muri ibi bikurikira: kwitegereza, gusabana n'abandi, ubufatanye ubushishozi no gukemura ibibazo</li> <li>- gusuzumira ku gusubiza umunyeshuri abajijwe</li> </ul>

Ibyagezweho mu isomo bishingiye ku ntego	<p><b>Umutwe wa 4:</b> Amazi</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- gutandukanya nogusobanura amoko y'amasoko n'akamaro k'amazi, kumesha neza imyambaro yoroheje</li> <li>- kuronga neza ibiribwabibisi</li> </ul>	<p><b>Umutwe wa 5:</b> Inyamaswa</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- gutandukanya inyamaswa ziba mu rugo n'iziba mugasozi.</li> <li>- gusobanura akamaro k'amazi</li> </ul>	<p><b>Umutwe wa 6:</b> Ibimera</p> <p>gushobora gutandukanya ibimera byimeza n'ibyo batera biri mu karere ishuri rihereyemo</p>
--	--	--	---

### Imbonerahamwe y'ibigomba kwigwa(3)

	<b>Umutwe wa 7:</b> Imyanda n'isukura	<b>Umutwe wa 8:</b> Umubiri w'umuntu	<b>Umutwe wa 9:</b> Ibikoreshwa
Umubare w'amasomo	7	7	4
Intangiriro	Muri uyu mutwe abanyeshuri bavumbura ko hari amoko atandukanye y'imyanda, uburyo bwo gusukura no kwita ku myanda.	Muri uyu mutwe abanyeshuri bashobora gutandukanya ibice by'ingenzi bigize umubiri w'umuntu no kuwukorera isuku kuri ibyo bice biwugize.	Uyu mutwe ufasha abanyeshuri kubasha gutandukanya ibikoreshwa n'ibikoresho bibakikije
Aho isomo ribera	Mu ishuri ryose no hanze y'ishuri.	Mu ishuri ryose no hanze y'ishuri.	Mu ishuri ryose no hanze y'ishuri.
Imfashanyigisho:	Amazi, imyeyo, igitambaro, isabuni, icyangwe, ingarane n'umukoropesho.	Ibishushanyo n'amashusho bigaragaza ibice by'ingenzi by'umubiri w'umuntu, Amazi, ibesani n'isabune, umupira wo gukina, umugozi wo gusimbuka, uburoso bwoza amenyo, umuti wo koza amenyo.	Ibikoreshwa n'ibikoresho bitandukanye biri ku ishuri no hafi yaryo

	<b>Umutwe wa 7:</b> Imyanda n'isukura	<b>Umutwe wa 8:</b> Umubiri w'umuntu	<b>Umutwe wa 9:</b> Ibikoreshwa
Ibikorwa	gukora imirimo y'isuku mu ishuri n'aharikikije, kuganirira mu matsinda mato, umushinga wo kwita ku myanda yakuwe mu ishuri n'aharikikije.	kwitegereza/ gukorakora, gukora ibiganiro nyunguranabitekerezo mu matsinda mato, gukora imyitozo ngororamubiri.	gusura no kwitegereza ibikoresho n'ibikoreshwa dusanga ku ishuri n'aharikikije, gukora ibiganiro mu matsinda mato.
Ubushobozi Umunyeshuri yungutse	<ul style="list-style-type: none"> <li>- gusabanan'abandi</li> <li>- Ubufatanye</li> <li>- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- gusabanan'abandi</li> <li>- Ubufatanye</li> <li>- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- gusabanan'abandi</li> <li>- Ubufatanye</li> <li>- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo</li> </ul>

	<b>Umutwe wa 7:</b> Imyanda n'isukura	<b>Umutwe wa 8:</b> Umubiri w'umuntu	<b>Umutwe wa 9:</b> Ibikoreshwa
Ingingo nsanganyama-somo	<p><b>Ibidukikije:</b> kubaka mu bana ubushobozi buhagije bwo kwita ku myanda mu rwego rwo kurengera ibidukikije.</p> <p><b>Amahoro:</b> kubaka mu bana ubushobozi buhagije bwo kwita ku myanda mu rwego rwo kwirinda no kurinda abandi indwara.</p> <p><b>Icungamutungo:</b> kubaka mu bana ubushobozi buhagije bwo kwita ku myanda mu rwego rwo kuyibyaza ibidufitiye akamaro twakenera ahandi kandi biduhenze.</p>	<p><b>Amahoro:</b> kubaka mu bana ubushobozi imibiri yabo isuku kugira ngo bafate neza ubuzima bwabo n'ubw'abandi</p>	<p><b>Amahoro:</b> kubaka mu bana ubushobozi bwo gutandukanya ibikoreshwa n'ibikoresho</p>
Ururimi rwakoreshejwe	kuvuga neza amoko atandukanye y'imyanda	kuvuga ikinyarwanda mu buryo bwiza	kuvuga neza amagambo y'ikinyarwanda

	<b>Umutwe wa 7:</b> Imyanda n'isukura	<b>Umutwe wa 8:</b> Umubiri w'umuntu	<b>Umutwe wa 9:</b> Ibikoreshwa
Inyungura- magambo	Amazina y'amoko y'imyanda n'amazina y'imikino	Amazina y'inyamaswa zororwa n'izitororwa zo mu karere n'amazina y'imikino	Amazina y'ibikoreshwa bitandukanye
Uburyo bw'imyigishirize iganisha ku bumenyi ngiro	-Ikiganiro nyunguranabitekerezo mu matsinda mato -guhuza ibyavuye mu matsinda -Raporo ku byavuye mu isuzuma	-Ukwiga gushingiye ku ivumbura -Ikiganiro nyunguranabitekerezo mu matsinda mato -guhuza ibyavuye mu matsinda -Raporo kubavuye mu isuzuma	-Ukwiga gushingiye ku ivumbura -Ikiganiro nyungu- ranabitekerezo mu matsinda mato -guhuza ibyavuye mu matsinda -Raporo ku byavuye mu isuzuma
Isubiramo	Ibiganiro bigendanye n'imyanda	Ibiganiro byerekeranye n'inyamaswa	Ibikoresho byo ku ishuri, ibyo mu rugo n'iby'ikoranabuhanga



	<b>Umutwe wa 7:</b> Imyanda n'isukura	<b>Umutwe wa 8:</b> Umubiri w'umuntu	<b>Umutwe wa 9:</b> Ibikoreshwa
Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize	<ul style="list-style-type: none"> <li>- gusuzuma ubumenyi ubumenyi ngiro n'ubukeshya</li> <li>- gusuzumira mu mikoro yo mu matsinda ubushobozi bw'abana muri ibi bikurikira: kwitegereza/ gukorakora, gusabana n'abandi, ubufatanye guhanga udushya, ubushishozi no gukemura ibibazo.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- gusuzuma ubumenyi ubumenyi ngiron'ubukeshya mu mikoro yo bw'abana muri ibi bikurikira: kwitegereza / gukorakora, gusabana n'abandi, ubufatanye, ubushishozi no gukemura ibibazo</li> <li>- kubaza ibibazo ku guhinduka kw'umubiri ukorerwa isukuneza</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- gusuzuma ubumenyi ubumenyi ngiron'ubukeshya</li> <li>- gusuzumira mu mikoro yo mu matsinda ubushobozi bw'abana muri ibi bikurikira: kwitegereza, gusabana n'abandi, ubufatanye ubushishozi no gukemura ibibazo</li> </ul>
Ibyavuye muri uyu mutwe bishingiye ku ntego	Isuku aho tuba n'ahadukikije. gukoresha neza uburyo bwo kwita ku myanda	<ul style="list-style-type: none"> <li>- gutandukanya ibice bigize umubiriw'umuntu</li> <li>- kuvumbura umumaro wabyo</li> <li>- kuwugirira isuku</li> </ul>	kuvumbura ibikoreshwa karemano n'ibitari karemano binyuranye

**Buri mutwe uteye utya:**

- Intego z’umutwe
- Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe kuri buri mutwe
- Uruhererekane rw’amasomo agaragaza:
  - Intego z’isomo
  - Imfashanyigisho
  - Uburyo bwo kwigisha
  - Umukoro/imyitozo
- Isuzuma, ibibazo n’ibisubizo byabyo

Mu ikoresha ry’iyi nyoborabarezi, mwarimu agomba kwifashisha integanyanyigisho n’igitabo cy’umunyeshuri. Mwarimu asabwa guhuza ibyigwa n’ikigero cy’abanyeshuri.

## UMUTWE WA

# 1

## IBIKORESHO BIBONEKA KU ISHURI NO MU RUGO

### 1.1 Intego z'umutwe

Abanyeshuri bahawe ibikoresho byo ku ishuri n'ibyo mu rugo bashobora:

- kubitandukanya batibeshya hakurikijwe umumaro wabyo,
- kubisukura neza.

### 1.2 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gushobora gusobanura umumaro w'ibikoresho biboneka ku ishuri no mu rugo no kubisukura.

### 1.3 Uruhererekane rw'amasomo

#### 1.3.1 Isomo rya 1: Ibikoresho by'umunyeshuri n'iby'umwarimu

*Igitabo cy'umunyeshuri, p 2-6*

#### Intego z'isomo

Nyuma y'isomo abanyeshuri baraba bashobora:

- Kurondora ibikoresho byo ku ishuri.
- Gutandukanya ibikoresho by'umunyeshuri n'ibya mwarimu.

#### Imfashanyigisho:

Igitabo cya mwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ikaramu, ikibaho, ikaramu y'igiti, ikaramu y'igiti y'ibara, ingwa, ingwa y'ibara, uburoso bwo gushushanyisha n'irangi, urupapuro, ikaye, akabati, "Etagère", ububiko bw'ameza, igihanaguzo, ibifuniko by'amakaye, igikapu cy'abanyeshuri, intebe, ameza.

#### Uburyo bwo kwigisha

##### – Intangiriro

Mwarimu asaba abanyeshuri kuririmba akaririmbo karimo bimwe mu bikoresho byo ku ishuri.

##### – Kwitegereza / gukorakora

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda abaha ibikoresho by'umunyeshuri n'iby'umwarimu.

Mwarimu asaba abanyeshuri kubyitegereza/kubikorakora.

- **Kurondora ibikoresho byo ku ishuri •** Mwarimu asaba abanyeshuri bari mu matsinda kurondora amazina y'ibikoresho bafite
  - Mwarimu asaba abanyeshuri bari mu matsinda mato (5-8) guhuza ibyo bakoreye mu matsinda (amatsinda akurikira irya mbere yirinda gusubira mubyo iryabanje ryavuze).

**Ingero:**

Ikaramu, ikibaho, ikaramu y'igiti, ikaramu y'igiti y'ibara, ingwa, ingwa y'ibara, urupapuro, ikaye, ibitabo, akabati, ““Etagère””, igihanaguzo, igikapu cy'abanyeshuri, agacamurongo.

- **Gutandukanya ibikoresho bya mwarimu n'iby'umunyeshuri.**
  - Mwarimu asaba abanyeshuri bari mu matsinda mato (5-8) gutandukanya ibikoresho, iby'umunyeshuri n'iby'umwarimu
  - Mwarimu aha abanyeshuri bari mu matsinda yabo ibikoresho bya mwarimu n'iby'umunyeshuri bivangavanze.
  - Mwarimu asaba abanyeshuri mu matsinda yabo gutandukanya ibyo bikoresho iby'umunyeshuri ukwabyo n'iby'umwarimu ukwabyo.
  - Mwarimu asaba abanyeshuri gutanga amazina ya buri gikoresho
  - Mwarimu ayobora abanyeshuri mu gihe cyo guhuriza hamwe ibyavuye mu matsinda kandi akabikorera ubugororangingo.

**Ingero:**

**a) Ibikoresho by'umunyeshuri:**

Ikaramu y'ubururu/umutuku/umukara/icyatsi kibisi, ikaramu y'igiti, ikaye, ibitabo, igikapu k'ibikoresho.

**b) Ibikoresho bya mwarimu:**

Ikibaho, ingwa, ingwa y'ibara, urupapuro, ibitabo, akabati, ““Etagère””, igihanaguzo.

– **Umukoro**

- a. Shushanya ibikoresho 2 by’umunyeshuri
- b. Shushanya ibikoresho 3 by’umwarimu

**1.3.2 Isomo rya 2: Umumaro w’ibikoresho by’umunyeshuri n’iby’umwarimu.**

*Igitabo cy’umunyeshuri, p 2-6*

**Intego z’isomo:** Nyuma y’isomo abanyeshuri baraba bashobora:

- Kurondora ibikoresho byo ku ishuri bakurikije umumaro wabyo.
- Gutandukanya ibikoresho byo ku ishuri hakurikijwe akamaro kabyo.

**Imfashanyigisho:**

Ikaramu, ikibaho, ikaramu y’igiti, ikaramu y’igiti y’ibara, ingwa, ingwa y’ibara, uburoso bwo gushushanyisha n’irangi, urupapuro, ikaye, ibitabo, akabati, “Etagère”, ububiko bw’ameza, igihanaguzo, ibifuniko by’amakaye, igikapu cy’abanyeshuri, intebe, ameza n’ibindi.

**Uburyo bwo kwigisha**

– **Intangiriro / isubiramo**

Mwarimu abwira abanyeshuri kurondora bimwe mu bikoresho bikenerwa mu ishuri.

**Ingero:**

Ikaramu, ikibaho, ikaramu y’igiti, ikaramu, ingwa, urupapuro, ikaye, ibitabo, igihanaguzo, ibikapu by’abanyeshuri

– **Kwitegereza**

Mwarimu asaba abanyeshuri bari mu matsinda kwitegereza ibikoresho byo ku ishuri

– **Kurondora umumaro**

Mwarimu asaba abanyeshuri bari mu matsinda mato kwitegereza/ gukorakora ibikoresho abahaye maze bagasubiza ibibazo bikurikira:

## Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
1. Ni ibihe bikoresho biboneka ku ishuri ryacu?	1. Ikaramu, ikibaho, ikaramu y'igiti, ingwa, urupapuro, ikaye, ibitabo, igihanaguzo, ibikapu by'abanyeshuri
2. Vuga akamaro k'ibikoresho bikurikira: a. Ikibaho b. Akabati c. Ikaramu y'igiti d. Ikayi	2. a. Kwandikaho b. Kubikamo c. Gushushanya d. Kwandikamo

### – Gutandukanya ibikoresho byo ku ishuri ushingiyeye ku mumaro wabyo

Mwarimu asaba abanyeshuri bari mu matsinda mato kwitegereza/ gukorakora ibikoresho abahaye. Ababaza ikibazo agamije gushyira ibikoresho mu matsinda hakurikijwe umumaro wabyo.

### Urugero:

Ikibazo	Ibisubizo
Shyira ibikoresho bikurikira mu matsinda ukurikije akamaro kabyo: Agakapu k'umunyeshuri, igitabo, isaha, umweyo, akabati, ikaramu, ikayi, ikaramu y'ibara	a) Ibyo kwandikamo: Ikayi b) Ibyo kwandikisha : Ikaramu c) Ibyo gushushanyisha: Ikaramu y'igiti d) Ibyo kubikamo: Agakapu k'umunyeshuri n'akabati e) Ibyo kumenyesha igihe: Isaha f) Ibyo gusukura: Umweyo g) Ibyo kwigiramo: Ibitabo

– **Imyitozo**

- a. Tanga urugero ku bikoresho byo mu matsinda akurikira: kwandikaho, kwandikamo, kwandikisha, gushushanyisha, kubikamo, gusukura, kwigiramo, ibikoresho ndangagihe.

**Urugero:**

<b>Amatsinda</b>	<b>Ibikoresho</b>
<ul style="list-style-type: none"><li>•) Kwandikaho</li><li>•) Kwandikamo</li><li>•) Kwandikisha</li><li>•) Gushushanyisha</li><li>•) Kubikamo</li><li>•) Gusukura</li><li>•) Kwigiramo</li><li>•) Ibikoresho ndangagihe</li></ul>	<ul style="list-style-type: none"><li>•) Ikibaho</li><li>•) Ikayi</li><li>•) Ikaramu</li><li>•) ikaramu y'igiti</li><li>•) igikapu cy'umunyeshuri</li><li>•) umweyo, umukoropesho</li><li>•) igitabo</li><li>•) isaha, inzogera</li></ul>

**1.3.3 Isomo rya 3-4: Isukurwa ry'ibikoresho byo ku ishuri**

*Igitabo cy'umunyeshuri, p 7-8*

**Intego z'isomo**

Nyuma y'isomo abanyeshuri baraba bashobora:

- Kurondora ibikoresho bikoreshwa mu isukura ry'ibikoresho byo ku ishuri.
- Gusukura ibikoresho bitandukanye byo ku ishuri
- Gutandukanya ibikoresho by'isukura hakurikijwe umumaro wabyo.

**Imfashanyigisho:**

Amazi, umukoropesho, umweyo, ijerekani, igihanaguzo, “Poubelle”, urupapuro rw'isuku.

**Uburyo bwo kwigisha**

– **Intangiriro:**

Mwarimu asaba abanyeshuri kurondora ibikoresho bazi byifashishwa mu isuku

**Ingero:**

Amazi, umukoropesho, umweyo, ijerekani, igihanaguzo, “Poubelle”, urupapuro rw'isuku.

– **Kwitegereza / gukorakora**

Mwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda (5-8). Abasaba kwitegereza/ gukorakora no kurondora bimwe mu bikoresho byo ku ishuri.

Abasaba guhuza ibyo bakoreye mu matsinda maze abishyiraho ubugororangingo.

– **Gukora itsinda ry'ibikoresho by'isukura** Mwarimu asaba abanyeshuri kurondora ibikoresho by'isuku babonye/bakorakoye mu bikoresho byo ku ishuri.

– **Gutandukanya ibikoresho by'isuku**

Mwarimu aha abanyeshuri ibikoresho by'isuku, abasaba kubitandukanya bakurikije umumaro wabyo mu isukura.

– **Imyitozo**

- a. Tandukanya ibikoresho bikurikira ukurikije umumaro wabyo:  
Umweyo, ijerekani, igihanaguzo, "Poubelle", urupapuro rw'isuku, amazi

<b>Ibikoresho by'isuku</b>	<b>Umumaro wabyo</b>
a) Umweyo	a) Urakubura
b) Ijerekani	b) Ibika amazi yo gusukura
c) Igihanaguzo	c) Gihanagura ikibaho
d) "Poubelle"	d) Ibika imyanda
e) Urupapuro rw'isuku	e) Rukoreshwa mu bwiherezo
f) Amazi	f) Gukoropa no guhanagura

**Igisubizo cy'umwitozo**

b. **Gukora isuku ku ishuri**

Mwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda mato (babiri babiri) abasaba gusukura ku buryo bukurikira: Itsinda rya mbere: Gukoropa ishuri

Itsinda rya kabiri: Gusukura amadirishya y'ishuri

Itsinda rya gatatu: Guhanagura intebe zo mu ishuri

Itsinda rya kane: Gusukura ikibaho bigiraho mu ishuri

Itsinda rya gatanu: Gusukura ahakikije ishuri.





## Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
1. Ni ibihe bikoresho muri kubona / gukorakora?	1. Amasafuriya, amasahani, ibiyiko, amakanya, umusambi n'ibindi..
2. Kuri aya mashusho urabona ibiriho byose uzi amazina yabyo? Yego cyangwa oya	2. Oya

### – Kurondora ibikoresho byo mu rugo

Mwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda abasaba kungurana ibitekerezo ku rutonde rw'ibikoresho by'ibanze bazi bikoreshwa mu rugo.

Mwarimu abasaba na none guhuza ibyo bakoreye mu matsinda anyuranye maze akabikorera ubugororangingo.

### Ingero:

#### Mu rugo tuhasanga ibikoresho bikurikira:

Intebe, ameza, amasahani, inkono, amasafuriya, amakanya, ibikombe, ibisorori, isekuru, ikaneti (ibinika), uruho, umweyo, igitebo, umukoropesho, udutambaro tw'isuku, isuka, ingorofani, akabati, inkangara, ibyibo, imyambaro, icyuma, ipasi, inzitiramibu, ijericani, isaha, terefone, radiyo, mudasobwa, umudaho, umwuko n'ibindi.

#### Umukoro

Mwarimu asaba buri mwana kuza kwitegereza ageze mu rugo iwabo maze akamenya igikoresho iwabo badafite n'akamaro kacyo.

### 1.3.5 Isomo rya 6: Amatsinda y'ibikoresho byo mu rugo ashingiye ku mumaro wabyo.

*Igitabo cy'umunyeshuri, p9-14*

### Intego z'isomo

Kubumbira mu matsinda ibikoresho byo mu rugo hashingiye ku mumaro wabyo

### **Imfashanyigisho:**

Igitabo cya mwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri, ishusho yerekana urugo, intebe, ameza, amasahani, amashyiga, inkono, amasafuriya, amakanya, ibikombe, ibisorori, isekuru, ikaneti (ibinika), uruho, umweyo, igitebo, umukoropesho, udutambaro tw'isuku, isuka, inshyamuro, majagu, ingorofani, akabati, inkangara, ibyibo, imyambaro, icyuma, ipasi, inzitiramibu, ijerikani, ibibindi, isaha, terefone, radiyo, tereviziyo, mudasobwa, umudaho, umwuko, umutaka, igitanda, umuhoro wa kinyarwanda, isuka, najoro, igitiyo n'ibindi.

### **Uburyo bwo kwigisha**

#### **– Intangiriro/ Gusubiramo**

Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bishyira imbaraga ku kwitwararikirira mu gukoresha ibikoresho bimwe na bimwe byo mu rugo, maze abanyeshuri bagasubiza ibibazo mwarimu agashyiraho ubugororangingo.

### **Urugero:**

Ni ibihe bikoresho byo mu rugo bishobora kumeneka ubusa iyo bidakoreshejwe neza?

### **Igisubizo:**

ibikoresho byo mugikoni bikoze mu ibumba nk'amasahani cyangwa ibikombe.

#### **– Kwitegereza**

Mwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda (5-8), abasaba kwitegereza ishusho y'urugo maze bakarondora ibice by'ingenzi by'urugo.

Guhuza ibyavuye mu matsinda mwarimu amaze kubikorera ubugororangongo.

#### **– Gutandukanya ibikoresho byo mu rugo**

Abanyeshuri bari mu matsinda mwarimu abaha ibikoresho binyuranye akabasaba kubitandukanya no kubibumbira mu matsinda bakurikije aho bikoreshwa.

## Ingero z'ibikoresho byo mu rugo

### Igikoresho

- a. Ameza
- b. Inkono n'amasafuriya
- c. Inkangara
- d. Isaha
- e. Radiyo
- f. Isuka

### – Imyitozo

Mwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda abaha ibikoresho byo mu rugo binyuranye, babivangura bakurikije aho bikoreshwa.

### Ingero:

Inkono n'amasafuriya bikoreshwa mu gikoni. Ibisorori, amasahani, ibiyiko, terimusi bikoreshwa ku meza. Inkangara n'ibyibo bikoreshwa mu bubiko.

- a. Mwarimu asaba abanyeshuri kuganirira mu matsinda yabo, bagatandukanya ibikoresho byo mu rugo bakurikije aho ibyo bikoresho bikoreshwa.
- b. Guhuza ibyavuye mu matsinda maze mwarimu akabishyiraho ubugororangingo (mu gikoni, mu buhinzi, ku meza, mu ruganiriro, mu cyumba cyo kuruhuka, mu bubiko)
- c. Mwarimu abaza abanyeshuri uko bumva isomo rikurikira ryakwitwa.
- d. Kimwe mu bisubizo ategereje: “umumaro” w'ibikoresho byo mu rugo.

### 1.3.6 Isomo rya 7-8: Umumaro w'ibikoresho byo mu rugo

*Igitabo cy'umunyeshuri, p9-14*

#### **Intego z'isomo**

Gutandukanya ibikoresho byo mu rugo hakurikijwe umumaro wabyo.

#### **Imfashanyigisho:**

Igitabo cya mwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri, ishusho yerekana urugo, intebe, ameza, amasahani, amashyiga, inkono, amasafuriya, amakanya, ibikombe, ibisorori, isekuru, ikaneti (ibinika), uruho, umweyo, igitebo, umukoropesho, udutambaro tw'isuku, isuka, inshyamuro, majagu, ingorofani, akabati, inkangara, ibyibo, imyambaro, icyuma, ipasi, inzitiramibu, ijericani, ibibindi, isaha, terefone, radiyo, tereviziyo, mudasobwa, umudaho, umwuko, umutaka, igitanda, umuhoro wa kinyarwanda, isuka, najoro, igitayo n'ibindi.

#### **Uburyo bwo kwigisha**

##### – Intangiriro/ isubiramo

Mwarimu abaza ibibazo ku isomo riheruka kwigwa.

#### **Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byabyo**

##### – Kwitegereza /Gukorakora

<b>Ibibazo</b>	<b>Ibisubizo</b>
a. Tanga ingero z'ibikoresho 3 byo mu gikoni.	a. Isafuriya, umudaho, icyuma cyo guhata
b. Ni ibihe bikoresho by'ingenzi mwifashisha mu buhinzi?	b. Isuka, umuhoro, najoro, ingorofani, incyamuro

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda mato (5-8), abaha ibikoresho byo mu rugo cyangwa amashusho yerekana ibikoresho byo mu rugo birimo bikoreshwa.

Abanyeshuri bitegereza ibikoresho byo mu rugo n'uburyo birimo gukoreshwa maze mwarimu akababaza ibibazo kuri icyo gikorwa.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo:

Ibibazo	Ibisubizo
1. Ni ibihe bikoresho mufite/ bigaragara kuri aya mashusho?	1. Ingorofani, igare, intebe, inkono, umuhoro, imyenda y'imbeho
2. Ibi bikoresho ku mashusho biri gukoreshwa iki?	2. Gutwara imyaka yasaruwe, kwicaraho, gutema ibyatsi, gutwara imizigo/abantu, guteka, kwifubika.

- **Kurondora umumaro w'ibikoresho byo mu rugo** Mwarimu asaba abanyeshuri bari mu matsinda mato (5-8) kurondora umumaro kuri buri gikoresho (ibikoresho byo mu gikono, mu buhinzi, mu ruganiriro, mu rukarabiro, mu cyumba cyo kuruhuka, mu bwihereho, ibikoresho by'isuku) cyo mu rugo.

- **Gutandukanya umumaro w'ibikoresho byo mu rugo**

Abanyeshuri batandukanya ibikoresho biri mu itsinda (ibikoresho byo mu gikono, mu buhinzi, mu ruganiriro, mu rukarabiro, mu cyumba cyo kuruhuka, mu bwihereho, ibikoresho by'isuku) rimwe hakurikijwe icyo ibyo bikoresho bikoreshwa/ umumaro wabyo.

Guhuriza hamwe ibyavuye mu matsinda, mwarimu amaze gukora ubugororangingo.

### Ingero z'ibikoresho n'umumaro wabyo

Ibikoresho n'aho bikoreshwa	Umumaro
<b>1. Mu gikoni</b> a. Amashyiga b. Inkono/isafuriya	a. Gutekaho b. Gutekamo
<b>2. Mu buhinzi</b> a. Ingorofani, b. Umuhoro	a. Gutwara ifumbire cyangwa imyaka basarura b. Gutema ibihuru cyangwa ibyatsi

<b>Ibikoresho n'aho bikoreshwa</b>	<b>Umumaro</b>
<b>3. Mu ruganiriro:</b> a. Intebe b. Ameza	a. Kwicaraho b. Guterekaho ibintu
<b>Mu cyumba</b> a. Igitanda na matera b. Amashuka n'ibiringiti	a. Kuryamaho b. Kuryamira no kwiyorosa
<b>Mu isuku</b> a. Umweyo b. Umukoropesho	<b>Mu isuku</b> a. Gukubura, b. Gukoropa inzu n'ahayikikije
<b>Aho gufatira amafunguro:</b> a. Amasahani b. Ibiyiko n'amakanya c. Ameza	a. Kuriraho b. Kurisha c. Gufunguriraho cyangwa guterekaho ibyo kurya
<b>Mu rukarabiro</b> a. Amasabuni b. Ibitambaro by'amazi	a. Gusukura umubiri b. Kwihanagura amazi
<b>Mu bubiko:</b> Imifuka, inkangara, intebo	Kubikamo ibiribwa bibisi

### – Imyitozo

Mu isomo rya munani mwarimu asaba abanyeshuri gushyira mu bikorwa umumaro w'ibikoresho byo mu gikoni no kumeza / gushyira mu bikorwa umushinga wo guteka no gufungura ibyatetswe.

### **1.3.7 Isomo rya 9-10: Isukurwa ry'ibikoresho byo mu rugo**

*Igitabo cy'umunyeshuri, p 15*

### **Intego z'isomo**

Nyuma y'isomo abanyeshuri baraba bashobora:

- Kurondora ibikoresho bikoreshwa mu isukura ry'ibikoresho byo mu rugo.
- Gutandukanya ibikoresho by'isukura hakurikijwe umumaro wabyo.

### **Imfashanyigisho:**

Ibase, isafuriya, amazi, isabune, icyogesho, agatambaro k'isuku kagenewe guhanagura amasahani, agatambaro k'isuku kagenewe guhanagura ameza.

### **Uburyo bwo kwigisha**

#### **– Intangiriro/Isuhamo**

Mwarimu asaba abanyeshuri kurondora bimwe mu bikoresho bikenerwa mu rugo.

### **Urugero rw'ikibazo n'igisubizo**

<b>Ikibazo</b>	<b>Igisubizo</b>
Tanga ingero 5 z'ibikoresho byo mu rugo?	Umweyo, igitebo, umukoropesho, ingorofani, akabati.

#### **– Kwitegereza / gukorakora**

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, abaha Imfashanyigisho: zifatika n'amashusho mfashanyigisho. Barabyitegereza maze ababazaho ibibazo.

### **Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo**

<b>Ibibazo</b>	<b>Ibisubizo</b>
1. Ni ibihe bikoresho mubona kuri aya mashusho?	1. Ibase, isafuriya, amazi, isabune, akadeyi agatambaro k'isuku kagenewe guhanagura amasahani.
2. Ibi bikoresho bikoreshwa he?	2. Ibi bikoresho bikoreshwa mu isukura ry'ibikoresho byo mu rugo.

#### **– Kurondora ibikoresho by'isuku**

Abanyeshuri bari mu matsinda mato mwarimu abasaba kurondora ibikoresho bazi bikoreshwa mu isukura ry'ibikoresho byo mu rugo



## Ingero z'ibisubizo

Amazi, isabuni, ijerekani, ibase, akadeyi

### – Gutandukanya ibikoresho by'isukura

Mwarimu asaba abanyeshuri bari mu matsinda mato gutandukanya ibikoresho by'isukura ry'ibikoresho byo mu rugo hashingiwe ku mumaro wihariye n'uburyo ubwabyo bikoreshwa.

## Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
<b>1. Ibi bikoresho bikoreshwa iki?</b> a. Amazi b. Isabune c. Ijerekani d. Ibase e. Isafuriya f. Agatambaro ko ku meza	a. Kwiyuhagira, koza ibintu, gufura no guteka b. Koza, kumesa c. Kubika no gutwara amazi d. Koga, gusukura no kumesa e. Gusukura ibiribwa no guteka f. Gusukura no guhanagura
<b>2. Vuga ibikoresho 2 by'isukura bikenerwa n'abantu bese.</b>	<b>2. Amazi n'isabune</b>

## Umukoro

Buri wese nagera mu rugo afashe umubyeyi we gusukura ibikoresho byo mu rugo.

### Mvumbuye ko:

Ibikoresho byo ku ishuri birimo ibikoresho by'umunyeshuri, ibya mwarimu n'iby'ishuri.

Ibikoresho byo mu rugo birimo ibyo mu gikoni, ku meza, gusukura, mu buhinzi, mu cyumba, mu rukarabiro, mu rugaririro no mu bubiko.

Ibikoresho byo ku ishuri no mu rugo bikeneye isuku.

### **1.3.8 Isomo rya 11-12: Isuzuma rikomatanya**

#### **Intego z'isomo**

Nyuma y'umutwe “ibikoresho byo ku ishuri no mu rugo” abanyeshuri baraba bashobora:

- Kurondora ibikoresho bitandukanye byo ku ishuri n'ibyo mu rugo;
- Gutandukanya ibikoresho byo ku ishuri cyangwa ibyo mu rugo hakurikijwe umumaro wabyo;
- Kurondora ibikoresho by'isukura n'uko bikoreshwa.
- Gusukura ibikoresho byo ku ishuri no mu rugo.

#### **Imfashanyigisho:**

Ikanya, igikombe, isorori, isekuru, kaneti (ibinika), uruho, umweyo, igitebo, umukoropesho, isuka, inshyamuro, majagu, ingorofani, akabati, inkangara, ibyibo, imyambaro, icyuma, ipasi, inzitiramibu, ijerikani, ikibindi, isaha, umudaho, umwuko, ibase, isafuriya, amazi, isabune, akadeyi, agatambaro k'isuku kagenewe guhanagura

amasahani, agatambaro k'isuku kagenewe guhanagura ameza. Intebe, ameza, terefone, umutaka, igitiyo, ikaramu, ikibaho, ikaramu y'igiti, ingwa, ingwa y'ibara, uburoso bwo gushushanyisha n'irangi, urupapuro, ikaye, ibitabo, igihanaguzo, igikapu cy'abanyeshuri, mudasobwa.

#### **Uburyo bw'isuzuma rikomatanya**

Mwarimu abaza ibibazo ku masomo yose agize uyu mutwe. Isuzuma rigizwe n'ibibazo abana bashobora gukorera mu matsinda n'ibyo umwana ubwe akora, iri suzuma kandi riha umwanya munini ubumenyi n'ubumenyi ngiro.

**Ingero z'ibibazo by'isuzuma n'ibisubizo byabyo:**

<b>Ibibazo</b>	<b>Ibisubizo</b>
1. Tanga ingero z'ibikoresho 5 bikenerwa mu rugo.	1. Amasahane, amazi, intebe, inkono, amasafuriya.
2. Vuga amatsinda 3 y'ibikoresho byo mu rugo usingiye ku mumaro	2. Ibikoresho byo gutekamo, guhinga kubikamo.
3. Vuga ibikoresho 2 bikenerwa mu isukura ry'ibikoresho byo mu rugo	3. Isabuni, isafuriya
4. Tondeka ibi bikoresho ukurikije itsinda n'umumaro wabyo ikanya, igikombe, isorori, isekuru, ikaneti (ibinika), uruho, umweyo, igitebo, umukoropesho, isuka, inshyamuro, majagu, ingorofani, akabati, inkangara, ibyibo, icyuma, ijerikani, ikibindi, umudaho, umwuko, ibase, isafuriya, intebe, ameza, terefone, igitiyo, ikaramu, ikibaho, ikaramu y'igiti, ingwa, ingwa y'ibara, urupapuro, ikaye, ibitabo, igihanaguzo, igikapu cy'umunyeshuri,	<p><b>4.</b></p> <p><b>a. Ibikoresho byo mu gikoni</b> Isafuriya, inkono, isekuru, umudaho, umwuko</p> <p><b>b. Ibikoresho byo ku meza</b> Ikanya, igikombe, isorori, ibinika, icyuma</p> <p><b>c. Ibikoresho by'ubuhinzi</b> Inshyamuro, majagu, ingorofani, isuka, igitiyo</p> <p><b>d. Ibikoresho byo kubikamo</b> Akabati, inkangara, igikapu cy'umunyeshuri, ijerikani, ikibindi, ikibo</p> <p><b>e. Ibikoresho byo ku ishuri byo kwandikisha</b> ingwa, ingwa y'ibara, ikaramu</p> <p><b>f. Ibikoresho byo kwandikaho/mo</b> ikibaho, urupapuro, ikaye</p> <p><b>g. Ibikoresho byo kwigiramo</b> Igitabo</p> <p><b>h. Ibikoresho by'isuku</b> Ibase, igihanaguzo, umukoropesho</p>

<b>Ibibazo</b>	<b>Ibisubizo</b>
5. Rondora ibikoresho bitanu by'ishuri.	5. igihanaguzo, ikibaho, ingwa, ibitabo, amakaye
6. Rondora ibikoresho 5 by'umwarimu na 5 by'umunyeshuri	6. a) <b>Umunyeshuri</b> Ikaye, ikaramu, igitabo, ikaramu y'igiti, agacongakaramu y'igiti b) <b>Umwarimu</b> Ikibaho, ameza, ingwa, ikaramu itukura, igihanaguzo.
7. Basukura bate ibikoresho bikurikira? a. Ikibaho b. Ikaye c. Ijerekani d. Intebe	7. a. Bagihanagura b. Bayifunika c. Bayoza d. Bayoza
8. <b>Rondora umumaro w'ibikoresho by'umunyeshuri bikurikira:</b> a. Ikayi b. Igikapu c. Ikaramu	8. a. Bayandikamo b. Bakabikamo c. Barayandikisha
9. <b>Rondora umumaro w'ibikoresho by'ishuri bikurikira</b> a. Ameza b. "Etagère" c. Intebe d. "Poubelle" e. Ikibaho	9. a. Mwarimu ayandikiraho b. Mwarimu akabikamo c. Abanyeshuri bazicaraho d. Bayijugunyamo imyanda e. Bacyandikaho
10. <b>Kuki tugomba kugirira isuku ibikoresho byacu?</b>	10. kugira ngo birambe

## URUGERO RW'ISOMO RITEGUYE

Ishuri: GS Cyivugiza  
Amazinay'umwarimu: HABINSHUTI Emmanuel

ihembwe	Itariki	Inyigisho	Umwaka	Umutwe	Isomo	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri:
Igihembwe cya mbere.	15/ 02/ 2016	Ubumenyi n'ikoranduhanga Riciriritse.	Umwaka wa mbere	Umutwe wa mbere.	Isomo rya mbere muri cumi n'abiri.	Iminota 40	Abanyeshuri 40
Ubwoko bw'ibyo abanyeshuri bagenerwa byihariye, n'umubare w'abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire n'umubare w abo							
Umutwe	Umutwe 1: Ibikoresho biboneka ku ishuri no mu rugo						
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	gushobora gusobanura umumaro w'ibikoresho biboneka ku ishuri no mu rugo no kubisukura.						
Isomo	Ibikoresho by'umunyeshuri n'iby'umwarimu						
Intego ngenamukoro	Abanyeshuri bafite ibikoresho byose bikenerwa mu ishuri bashobora gutandukanya batibeshya ibikoresho by'umunyeshuri n'ibya mwarimu						

Imiterere y'aho isomo ribera	Iri somo rirabera mu ishuri, abanyeshuri bagakorera mu matsinda y'abanyeshuri 5 kuri buritsinda
Imfashanyigisho:	Ibikoresho umunyeshuri akoresha ku ishuri: ikaramu, itushi, ikaramu y'igiti, ikaramu y'igiti y'ibara, ingwa, ingwa y'ibara, uburoso bwo gushushanyisha n'irangi, urupapuro, urubaho, akabati, ububiko bw'ameza, igihanaguzo, amazi, ibifuniko by'amakaye, ibitabo, intebe, igikapu cy'umunyeshuri, agacamurongo, gome, muswari, ibikorasho abafite ubumuga bwo kutabona bifashisha basoma.
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe	Minisiteri y'uburezi (1999), Inyigisho y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga Riciritse: umwaka wa mbere w'amashuri abanza, ikigo k'igihugu gishinzwe Integanyanyigisho, kigali

Ibisobanuro by'igikorwa mwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora. Ibice by'isomo + igihe

Abanyeshuri bitegereje/bakorakoye neza, bagahuza igikoresho cyo mu ishuri n'umumaro wacyo, igikorwa n'ugikora mu myigire n'imyigishirize yabo na mwarimu, bashobora kuvangura ibikoresho bakenera n'ibikenerwa na mwarimu.

Intangiriro Iminota 5	<b>Ibikorwa bya mwarimu</b> kuririmba akaririmbo “Ibikoresho byo mu ishuri ni byiza”	<b>Ibikorwa by’umunyeshuri</b> – kuririmba hamwe akaririmbo – kugerageza gukora kuri buri gikoresho kivugwa mu ndirimbo	<b>Ubushobozi n’ingingo nsanganyamasomo</b> <b>Ubushishozi:</b> kubasha guhuza izina ry’igikoresho n’ishusho cyangwa n’igikoresho ubwacyo <b>Ubufatanye:</b> amatsinda atanga umusaruro, umwana yamenya gukorana n’abandi <b>Ubusabane:</b> Abana bose bumva ikinyarwanda bigishamo, bigatuma buri wese yisanzura mu gutanga ibitekerezo
--------------------------	---	---	---

<p>Isomo nyirizina</p> <p>Iminota 30</p>	<p>– gushyira abanyeshuri mu matsinda no kubaha ibikoresho by’ingenzi bikenerwa kuishuri</p> <p>– gusaba abanyeshuri kuganira mu matsinda mato (5- 8), gutanga amazina y’ibikoresho bahawe.</p> <p>Mwarimu asaba abanyeshuri guhuza ibyo bakoreye mu matsinda atandukanye bakurikije amabwiriza yabahaye</p> <p>Mwarimu asaba abanyeshuri kuvangura ibikoresho bahawe bashingije ku bikoresho bakenera ubwabo n’ibya mwarimu.</p> <p>guhuza ibyavuye mu matsinda, ashiraho ubugororangingo.</p>	<p>– kwitegereza no gukorakora ibikoresho bahawe muitsinda</p> <p>Abanyeshuri barondora amazina y’ibikoresho bafite.</p> <p>– Abanyeshuri bakurikiza amabwiriza ya mwarimu, batanga amazina y’ibikoresho akurikira:</p> <p>Amakaye, amakaramu yo kwandika no gushushanya, ibitabo, ikibaho igihanaguzo, ikayi yo kwitabira ishuri, gome, n’ibindi.</p> <p>Abanyeshuri bakora amatsinda<sup>2</sup> y’ibikoresho bahawe (ibya mwarimu, iby’umunyeshuri)</p>	
--	---	--	--



<p>Umwanzuro w'isomo Iminota 5</p>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'ibikoresho by'ingezi umunyeshuri n'umwarimubakenera.</li> <li>- gukorera ubugororangingo ku mwanzuro abanyeshuri batanze</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Abanyeshuri batanga ibisubizo ku bibazo babajijwe.</li> <li>- Abanyeshuri bakira umwanzuro ku rutonde rw'ibikoresho by'umunyeshuri n'ibyamwarimu ku buryobukurikira:</li> </ul> <p><b>Umunyeshuri</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Amakayi/urubaho, ibitabo, amakaramu yo kwandika no gushushanya/itushi, gome, isakoshi,</li> </ul> <p><b>Mwarimu</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Ikidanago, ikaye y'ihamagara, amakaramu, ibitabo, ikibaho, igihanaguzo, ingwa z'amoko atandukanye.</li> </ul>	
------------------------------------	---	--	--

Ukwisuzuma kw'umwarimu.	Isomo rirangiye intego igezwe ho ubutaha tuzafatanyaga gusobanukirwa "Umumaro w'ibikoresho by'umunyeshuri" n'ibya mwarimu."		
-------------------------	---	--	--

## UMUTWE WA

# 2

## IBIKINISHO, IBIKORESHO BINYURANYE N'IMFASHANYIGISHO

### 2.1 Intego z'umutwe

Abanyeshuri bahawe ibikoresho by'ibanze bashobora gukora neza ibikinisho binyuranye mu mpapuro, mu birere, mu bikenyeri, mu bikarito, udufuniko tw' amacupa n'uduti, muri parasitiki, uduti n'ubudodo no mu ibumba.

### 2.2 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gushobora gukora ibikinisho binyuranye

### 2.3 Uruhererekane rw'amasomo

#### 2.3.1 Isomo rya 1-2: Ibikinisho bikoze mu mpapuro

*Igitabo cy'umunyeshuri, p 18*

#### Intego z'isomo

Nyuma y'isomo abanyeshuri baraba bashobora:

- Gusobanura uko ibikinisho bikorwa mu mpapuro
- Gukora ibikinisho mu mpapuro

#### Imfashanyigisho:

Umukasi, urwembe, impapuro, cole, agapapuro gafatanya izindi, amazi, n'ubudodo, utwuma duteranya impapuro

#### Uburyo bwo kwigisha

##### – Intangiriro

Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bamuha amazina y'ibikoresho bimwe na bimwe bishobora kwifashishwa mu gukora ibikinisho mu mpapuro.

#### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
1. Ni iki wakwifashisha ngo ukate neza urupapuro?	1. Umukasi cyangwa urwembe
2. Ni iki cyakwifashishwa mu gafatanya impapuro?	2. Urudodo, core, utwuma duteranya impapuro

– **Gukata impapuro**

Mwarimu asaba abanyeshuri bifashishije umukasi gukata impapuro bakurikije ingero z’agakarito bifuzza gukora.

– **Guteranya ibice bigize agakarito**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukora ubuso bw’agakarito bifashishije udupapuro bakase.

a. **Agakarito**

Gukora agakarito ko kubikamo hakurikizwa intera zikurikira:

- Gukata impapuro ku rugero nifuzza
- Guteranya udupapuro dukase nkora ubuso bw’ibihande
- Guteranyaho indiba y’agakarito ku buso bw’ibihande

– **Umukoro**

Mwarimu asaba abanyeshuri buri wese kwikorera agakarito ko kubikamo iwabo.

**2.3.2 Isomo rya 2-3:**

**Ibikinisho bikoze mu birere**

*Igitabo cy’umunyeshuri, p19*

**Intego z’isomo**

Nyuma y’isomo abanyeshuri baraba bashobora:

- Gusobanura uko babanga umupira mu birere
- Kubanga umupira mu birere

**Imfashanyigisho:**

Amashara, ibirere, urwembe, umukasi, amazi

**Uburyo bwo kwigisha**

– **Intangiriro**

Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n’inyito y’amababi y’insina iyo ashaje. Ndetse no kumenya niba amababi y’insina iyo ashaje hari umumaro aba agifite.

**Ingero z’ibibazo n’ibisubizo byabyo**

Ibibazo	Ibisubizo
1. Amababi ashaje y’insina yitwa gute?	1. Amashara
2. Ni uwuhe mumaro amababi ashaje y’insina yagira?	2. Yakwifashishwa kubanga umupira wo gukina

– **Gutegura amashara n’ibirere**

Mwarimu yereka abanyeshuri amashara n’ibirere bibobeje abasaba kubigereranya n’amashara n’ibirere bitabobejwe mu kubanga umupira mwiza. Mwarimu asaba abanyeshuri gutegura ibikenerwa by’ibanze mu kubanga umupira mwiza wo gukina bikurikira:

- Guca ibirere
- Kubobeza ibirere n’amashara
- Kuvana amashara ku migongo yayo
- Gushishura ibirere no kuvaneho ak’imbere: umusasanure
- Gufata ikirere kimwe wavanyeho umusasanure ukagisaturemo imigozi. - Kubumbabumba amashara.

– **Umwitoto**

**Kubanga umupira wo gukina**

Mwarimu asaba abanyeshuri gufata amashara babubye bakurikije ingano y’umupira bifuza maze bagatanaga bakurikije amabwiriza akurikira:

1. Ku mubumbe mbonye ndazengurutsaho imisasanure, ku buryo amashara atagaragara kandi bigakomera.
2. Gukaraga umugozi ukawuzengurutsa ku mupira, ukawupfundika ukanyaga.
3. Gukaraga igice cy’umugozi kinagana. Ugasobeka muwa mbere, ukawugarura mu ipfundo ry’ibanze.
4. Gukaraga umugozi. Ukawumanura uberamye ukawusobeka mu nkingi imwe.
5. Gukomeza usobekeranya imigozi ikaraze ukanyaga kugeza igihe hasigaye imyanya mito hagati y’imigozi.
6. Gupfundika umugozi ugakata igice gisigaye ukavanaho udusapfu twose.
7. Umupira urangiye ushobora gukina na bagenzi banjye.

– **Gukina umupira**

- Kugabanya abanyeshuri mu matsinda y’abana 6-8.
- Ca umurongo wo gutangiriraho ugaragara.
- Mwarimu asaba abanyeshuri gutonda umurongo inyuma ya wa murongo w’intangiro.

Ashyira ikimenyetso (itafari, ibuye) imbere ya buri tsinda nko muri metero 10-15 (reba ishusho).

1. Gusobanura no kwerekana ko:

Umwana uri imbere ku murongo niwe uza gushorera umupira wambere. Uyumwana agomba kwambukana umupira ikibuga, akazenguruka ikimenyetso, nyuma akagaruka mu itsinda rye mu buryo butangaje (urugero: agenda atera agapira, ashyira umupira hagati y'amaguru nyuma akagenda asimbagurikana uwo mupira, cyangwa se agenda awizunguzaho).


Mu gihe umwana ushoreye umupira ageze ku mwanya we, buri mwana mu bagize itsinda nawe azashorera umupira nk'uko mugenzi wabo yabigenje mbere.

2. Mu gihe abagize itsinda bose bazengurukanye umupira, umunyeshuri wa kabiri ku murongo muri buri tsinda nawe azashorera umupira, ahitemo uburyo butandukanye n'ubw'uwa mbere mu gushorera umupira.

3. Kora ku buryo abanyeshuri bose bibageraho (bose bashorera umupira).

4. Kwibutsa abanyeshuri kugenda ku murongo kugira ngo bataza kugongana mu gihe barimo bakina.

– **Umukoro**



Kubwira abanyeshuri, buri wese kuzabangira umupira iwabo akazagaruka ku ishuri awuzanye.

### 2.3.3 Isomo rya 3: Ibikinisho bikoze mu bikenyeri

*Igitabo cy'umunyeshuri, p 20*

#### **Intego z'isomo**

Nyuma y'isomo abanyeshuri baraba bashobora:

- Gusobanura uko ibikinisho bikorwa mu bikenyeri.
- Gukora amadarubindi mu bikenyeri

#### **Imfashanyigisho:**

Ibikenyeri, icyuma / umukasi, urwembe, uduti duto

#### **Uburyo bwo kwigisha**

##### **– Intangiriro**

Mwarimu abaza abanyeshuri bimwe mu bibazo biganisha ku kumenya no gutegura ibikoresho by'ibanze mu gukora igikinisho mu bikenyeri.

#### **Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo**

<b>Ibibazo</b>	<b>Ibisubizo</b>
1. Iyo amasaka yeze bagasarura amahundo ibisigaye byitwa gute?	1. Ibikenyeri
2. Ni uwuhe mumaro ibikenyeri byagira ?	2. Gukora ibikinisho by'abana, urugori no kubakisha inzitiro.

– **Gutegura ibikenerwa mu gukora amadarubindi** Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda mato (5-8) akabajyana mu murima basaruyemo amasaka uri ahagereye ishuri, abanyeshuri batoranya ibikenyeri bifite umubyimba bakeneye mu gukora amadarubindi.

– **Gukata udukenyeri no gukora amadarubindi** Abanyeshuri bayobowe na mwarimu bakata udukenyeri twumye bakoresha urwembe, bateranya udukenyeri bakase baduha ishusho y'amadarubindi bakoresha uduti duto.

- Gukora amadarubindi mu bikenyeri hakurikizwa intera zikurikira:
  - Guteranya udukenyeri duto uduha ishusho y'uruziga rw'amaso

- Gukora amaboko y'amadarubindi mu duti
- Guteranya

– **Umukoro**

Gusaba abanyeshuri, buri wese kuzakorera mu rugo iwabo imodoka mu bikenyeri.

**2.3.4 Isomo rya 4:**

**Ibikinisho bikorwa mu bikarito, udufuniko tw'amacupa n'uduti**

*Igitabo cy'umunyeshuri, p21*

**Intego z'isomo**

Nyuma y'isomo abanyeshuri baraba bashobora:

- Gusobanura uko igikinisho gikorwa hifashishijwe ibikarito, udufuniko tw'amacupa n'uduti.
- Gukora imodoka hifashishijwe ibikarito, udufuniko tw'amacupa n'uduti

**Imfashanyigisho:**

Agakarito, udufuniko tw'amacupa, urubuto rw'avoka n'uduti.

**Uburyo bwo kwigisha**

– **Intangiriro**

Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byabayobora ku ishusho nyayo yuko imodoka yubatswe n'ibiyubatswe.

**Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo**

<b>Ibibazo</b>	<b>Ibisubizo</b>
1. Ninde watubwira icyo imodoka igenderaho?	1.
2. Ibyo imodoka igenderaho bifite iyihe shusho?	2. Ishusho y'uruziga

– **Kwitegereza / gukorakora**

Mwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda mato (5-8), akabaha muri buri tsinda amashusho yerekana uko imodoka yubatswe, akabasaba kwitegereza / gukorakora ayo mashusho no kugaragaza ibice by'ingenzi byubatswe imodoka.



Abanyeshuri mu matsinda yabo baraganira maze bagashyira ahagaragara ibice by'ingenzi by'imodoka.

– **Gukata ibikarito no kubaka imodoka wifashishije udufuniko tw'amacupa, n'uduti dutoya.**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukata bifashishije inzembe ibikarito kubipimo by'ingero z'imodoka bifuza.

Guteranya twa dupande tw'ibikarito mu ishusho y'imodoka bakoresha uduti duto, bateraho amapine akozwe mu dupfundikizo tw'amacupa bakoresha uduti duto.

Guhuza/kumurika ibyakorewe mu matsinda atandukanye mwarimu agashyiraho ubugororangingo.

– **Gutobora no gukora imodoka wifashishije ikarito, udufuniko tw'amacupa, urubuto rw'avoka n'uduti duto (igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rw.....).**

Mwarimu asaba abanyeshuri gutobora ikarito mo imyenge ibiri iteganye, gutobora kandi n'udufuniko tw'amacupa bakate urubuto rw'avoka mo uduce tune.

Kwinjiza uduti mu rya myenge y'ikarito nibarangiza bashyireho amapine (imifuniko y'uducupa).

Gushyira uduce tw'urubuto rwa avoka ku mpera y'agati kugira ngo amapine atavamo.

Gutobora akenge ahagana hejuru mu ikarito, bashyiremo urudodo rukurura imodoka.

– **Imyitozo**

Mwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda mato (5-8), abasaba gukora imodoka mu bikenyeri bifashishije udufuniko tw'amacupa n'uduti duto.

– **Umukoro**

Gusaba abanyeshuri kuzakorera iwabo amadarubindi n'imodoka bakoresheje ibikarito, udufuniko tw'amacupa n'uduti bakazagaruka bazizanye.

### 2.3.5 Isomo rya 5: Ibikinisho by'ibibumbano

*Igitabo cy'umunyeshuri, p23*

#### Intego z'isomo

Nyuma y'isomo abanyeshuri baraba bashobora:

- Gusobanura uko bakora igikinisho mu ibumba.
- Gukora inka mu ibumba

#### Imfashanyigisho

Amazi, ibumba

#### Uburyo bwo kwigisha

##### – Intangiriro

Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku kuvumbura ko bimwe mu bikoresho batunze iwabo mu rugo ari ibibumbano.

#### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
1. Igikorwa cyo gukora amatafari yubitse amazu mubamo/cyangwa ishuri mwigiramo bakita gute?	1. Kubumba
2. Ubutaka bakoresha mu kubumba amatafari yo kubaka inzu bwitwa gute?	2. Ibumba

##### – Gutegura ibice byubitse inka yuzuye.

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda mato (5-8), bagakata ibumba bifashishije amazi kugeza barinogeje, bakarikoramo imibumbe bari bwifashishe babumba igihimba k'inka, umurizo, amaguru n'amahembe.

##### – Guteranya ibice by'ingenzi byubitse inka Abanyeshuri bateranya ibice byose byubitse inka kugirango babone agakinisho gasa n'inka yuzuye.

Mwarimu abasaba guhuza/kumurika ibyo bakoreye mu matsinda maze nawe akabikorera ubugororangingo kuri buri tsinda.

Kubumba agakinisho gasa n'inka hakurikizwa intera zikurikira:

- Kubumba igihimba,
- Umurizo n'umutwe uriho amahembe
- Kubumba amaguru
- Guteranya

– **Umukoro**

Mwarimu aha abanyeshuri ishusho y'umuntu yuzuye, asaba buri wese kuzigana iyo shusho maze agakora umuntu mu ibumba.

**2.3.6 Isomo rya 6:**

**Gukora ibikinisho muri parasitike, uduti n'urudodo**

*Igitabo cy'umunyeshuri, p22*

**Intego z'isomo**

Nyuma y'isomo abanyeshuri baraba bashobora:

- Gusobanura uko bakora agakinisho muri parasitike, uduti n'urudodo.
- Gukora udukinisho kaguruka budege muri parasitike, uduti n'urudodo

**Imfashanyigisho:**

Parasitike, uduti n'urudodo

**Uburyo bwo kwigisha**

– **Intangiriro**

Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku kuvumbura ishusho y'indege kugira ngo ibashe kugenda yihuta mu kirere idasubizwa inyuma n'ibyo ihura nabyo mu kirere nk'umuyaga.

**Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo:**

<b>Ibibazo</b>	<b>Ibisubizo</b>
1. Ikintu gisongoye n'ikidasongoye ni ikihe kihuta iyo kinjira/kinjizwa ahantu ?	1. Ikintu gisongoye
2. Igice k'imbere ku ndege kirasongoye? Yego/oya.	2. Yego

– **Kwitegereza / Gukorakora**

Mwarimu ashyira abana mu matsinda mato (5-8), agatanga muri buri tsinda ishusho y'indege maze akabasaba kuganira kuri iyo ishusho (uko ishusho yubatswe/iteye n'ibice by'ingezi biyigaragara). Mwarimu abafasha guhuza ibyakorewe mu matsinda ashyira ho ubugororangingo.

– **Gukata / guteranya**

Abanyeshuri bamaze kwitegereza imyubakire y'indege bakata uduti bahawe ku ngero z'indege bifuzwa maze baduteranya mu ishusho y'indege, bahambira amashashi kuri twa duti dufite ishusho y'indege, bakazirika urudodo kuri ya ndege yakozwe kugira ngo bakore agakinisho kaguruka budege.

Gukora agakinisho kaguruka budege ku buryo bukurikira:

- Guteranya uduti dutoya mu ishusho y'indege
- Gupfukisha amashashi twa duti nateranyije
- Kuzirika urudodo rurerure kuri ya ndege yubatswe.

– **Umukoro**

Mwarimu asaba abanyeshuri buri wese kuzakorera iwabo agakinisho kaguruka budege

**2.3.7 Isomo rya 7: Isuzuma rikomatanya**

**Intego z'isomo**

Nyuma y'uyu mutwe abanyeshuri baraba bashobora:

- Gutandukanya ibikoresho bakenera mu gukora ibikinisho bikurikira: agakarito ko kubikamo, indege, inka, amadarubindi, imodoka n'umupira.
- Gukora ibikinisho bikurikira: agakarito ko kubikamo, amadarubindi, indege, inka, imodoka n'umupira

**Imfashanyigisho:**

Impapuro, ibirere, ibikenyeri, ibikarito, udufuniko tw'amacupa, uduti, cole, ubudodo, urwembe, umukasi, amazi, isabuni, ibase n'amashara.

## **Uburyo bw'isuzuma**

Mwarimu abaza ibibazo ku masomo yose agize uyu mutwe. Isuzuma rigizwe n'ibibazo abana bashobora gukorera mu matsinda n'ibyo umwana ubwe akora, iri suzuma riha umwanya munini ubumenyi ariko cyane cyane ubumenyi ngiro.

## **Ingero z'imikoro y'ubumenyi ngiro mu isuzuma**

- Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, akabaha imfashanyigisho zinyuranye, buri tsinda aribwira ibikinisho rigomba gukora.

## **Ingero z'ibikinisho**

Umupira, biye, imodoka, terefone, radiyo, ibahasha, udukinisho tuguruka budege, imodoka, amadarubindi.

### ✓ **Amabwiriza y'iri suzuma**

- Abanyeshuri bamurika ibikinisho bakoze iyo hari icyo bagenzi babo batamenye uko gikorwa mwarimu ararika umwe muri iryo tsinda agasobanurira abandi uko bikorwa cyangwa uko kitwa.
- Mwarimu aha umwanya buri munyeshuri wo kwigana ibikinisho bakoreye mu matsinda
- Mwarimu afatanyije n'abanyeshuri bibukiranya uko ibikinisho bakoze bibungabungwa.
- Mwarimu agenzurira hafi imikorere y'abanyeshuri n'imikoreshereze y'ibikoresho, akagenda akosora abanyeshuri kandi aberekerera
- Mwarimu atoza abanyeshuri gukorera hamwe no kuzuzanya
- Mwarimu azerekana igikinisho cyakozwe n'uburyo kibikwa.
- Abanyeshuri bakwiye kugaragaza ubushake bwo gusukura aho bakoreye
- Mwarimu yibutsa abanyeshuri gukoresha neza ibikoresho bikomeretsa no gukangurira abanyeshuri kugira amatsiko n'ubushake bwo kwihangira ibikoresho bahereye ku bintu biciriritse.

- Afasha buri munyeshuri kwihitiramo itsinda akoreramo
- Kugenzura imikorere ya buri gikinisho no kugenzura uko amatsinda yose akora.
- Guhuriza hamwe ibikinisho byakozwe, guhitamo ibyakozwe neza kurusha ibindi
- Gushimira abanyeshuri bakoze neza

Kubwira abanyeshuri kuzamurikira ababyeyi ibikinisho bakoze.

Udukinisho tuguruka budege, imodoka, amadarubindi, umupira, biye, terefone, radiyo, umuntu n'inka.

**3.1 Intego z'umutwe**

- Kurondora ibikoresho by'ibanze mu ikoranabuhanga
- Gusobanura umumaro, imikorere n'imikoreshereze y'ibikoresho by'ibanze mu ikoranabuhanga.
- Gukoresha ibikoresho bisohora amajwi n'amashusho mu gihe gikwiye no mu buryo bukwiriye.
- Gutandukanya ibikoresho by'ibanze by'ikoranabuhanga hakurikijwe umumaro wabyo.

**3.2 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe**

Kurondora ibikoresho byinjiza cyangwa bisohora amajwi n'amashusho n'ibyandika no gukoresha terefone, radiyo na televiziyo.

**3.3 Uruhererekane rw'amasomo****3.3.1 Isomo rya 1:**

**Kurondora ibikoresho by'inyakiramajwi n'inyakiramashusho**

*Igitabo cy'umunyeshuri,p26*

**Intego z'isomo**

Nyuma y'isomo abanyeshuri baraba bashobora:

- Kurondora ibikoresho ndagururamajwi, nsakazamashusho, nyakiramajwi na nyakiramashusho
- Gutandukanya ibikoresho ndagururamajwi, nsakazamajwi, nsakazamashusho na nyakiramashusho
- Kuvuga imimaro n'imikoreshereze y'ibikoresho by'inyakiramajwi n'inyakiramashusho

## **Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho mfashanyigisho n'imfashanyigisho zifatika: radiyo, tereviziyo, terefone zigendanwa, terefone zitagendanwa, mudasobwa, "loudspeaker", "microphone" "headphone" na "camera".

## **Uburyo bwo kwigisha**

### **– Intangiriro**

Mwarimu asaba abanyeshuri kuririmba akaririmbo karimo bimwe mubikoresho nyakiramajwi na nyakiramashusho

## **Urugero:**

Radiyo yacu hafi yawe.

### **– Kwitegereza / gukorakora**

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabaha Imfashanyigisho zifatika.

Mwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza imfashanyigisho: zifatika bakazikorakora.

### **– Kurondora ibikoresho by'inyakiramajwi n'inyakiramashusho**

- Kubwira abanyeshuri bari mu matsinda kurondora amazina y'imfashanyigisho bafite
- Kubwira abanyeshuri bari mu matsinda kurondora izo mfashanyigisho buri tsinda ryirinda gusubira mu mazina yizo irindi ryavuze.

## **Ingero:**

Radiyo, tereviziyo, terefone zigendanwa, terefone zitagendanwa, mudasobwa, "loudspeaker", "microphone" "headphone" na "camera".

### **– Gutandukanya ibikoresho by'inyakiramajwi n'inyakiramashusho**

Mwarimu asaba abanyeshuri gutandukanya ibikoresho by'inyakiramajwi n'inyakiramashusho



Mwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda abaha ibikoresho bivangavanze. Nyuma yo gusobanura inyito z'inyakiramajwi n'inyakiramashusho, asaba abanyeshuri gutandukanya ibikoresho by'inyakiramajwi n'inyakiramashusho

**Ingero:**

- a) Inyakiramajwi: Radiyo, terefone.
- b) Inyakiramashusho: Tereviziyo, terefone zigendanwa, mudasobwa, “camera”.

- **Imyitozo kubikoresho nyakiramajwi na nyakiramashusho**
  - Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda atarengeje abana batandatu. Abasa ko bakwitegereza/bakorakore amashusho/ibikoresho binyuranye, nyuma ababaza ibibazo biganisha ku kuvumbura ibikoresho by'inyakiramajwi, inyakiramashusho n'amazina yabyo.
  - Mwarimu ayobora abanyeshuri mu gihe cyo guhuriza hamwe ibyavuye mu matsinda anabikorera ubugorangingo.

**Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo**

Ibibazo	Ibisubizo
1. Tanga ingero 2 z'ibikoresho nyakiramajwi	1. Radiyo, terefoni
2. Vuga ibikoresho bitatu bikenerwa mu gihe k'inyakiramashusho	2. Tereviziyo, “camera”

- **Umukoro**

Mwarimu asaba abanyeshuri gushushanyiriza mu rugo ibi

- bikurikira: a) Igikoresho 1 nyakiramajwi
- b) Igikoresho 1 nyakiramashusho

### 3.3.2 Isomo rya 2: Ibikoresho by'indangururamajwi

*Igitabo cy'umunyeshuri, p 26*

#### Intego z'isomo

Nyuma y'isomo abanyeshuri baraba bashobora:

- Kurondora ibikoresho ndangururamajwi
- Usobanura umumaro n'imikoreshereze y'ibikoresho ndangururamajwi

#### Imfashanyigisho:

Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho mfashanyigisho n'imfashanyigisho zifatika: radiyo, tereviziyo, terefone zigendanwa, terefone zitagendanwa, mudasobwa, "loudspeaker", "headphone", "camera", "microphone".

#### Uburyo bwo kwigisha

#### Intangiriro/Isuubiramo

Mwarimu abaza ibibazo ku bikoresho by'ibanze by'ikoranabuhanga nkuko byabonetse mu isomo baheruka kwiga.

#### Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byabyo

I bibaz o	Ibisubizo
1. Vuga amatsinda akubiyemo ibikoresho by'ibanze mu ikoranabuhanga.	1. Inyakiramajwi, nyakiramashusho, nsakazamajwi na nsakazamashusho
2. Tanga urugero ku matsinda 2 wihitiyemo	2. Inyakiramajwi: Radiyo yo mu rugo Inyakiramashusho: Tereviziyo yo mu rugo

#### – Kwitegereza / gukorakora

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda abaha Imfashanyigisho: zifatika. Abasaba kwitegereza / gukorakora Imfashanyigisho zifatika.

– **Kurondora ibikoresho by’indagururamajwi**

Mwarimu asaba abanyeshuri bari mu matsinda kurondora amazina y’Imfashanyigisho bafite. Bahuriza hamwe ibyavuye mu matsinda, buri tsinda ryirinda gusubira mu mazina yizo irindi ryavuze.

- **Gutandukanya ibikoresho by’indagururamajwi** Mwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda, abaha ibikoresho bivangavanze, abasaba gutandukanya ibikoresho by’indagururamajwi hakurikijwe umumaro n’imikoreshereze yabyo.

**Ingero:**

“loudspeaker”, “microphone”, “headphone”..

– **Imyitozo**

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda mato (5-6). Abasaba kwitegereza / barakorakora amashusho y’ibikoresho binyuranye, nyuma bagirana ikiganiro nyunguranabitekerezo ku mikoreshereze n’umumaro w’ibikoresho babonye.

Mwarimu ayobora abanyeshuri mu gihe cyo guhuriza hamwe ibyavuye mu matsinda amaze kubikorera ubugororangingo.

**Urugero:**

Itegereze ibibikoresho ndagururamajwi maze werekane uko babizimya n’uko babicana (kubyatsa) igihe cyo kubikoresha cyangwa barangije kubikoresha.

– **Umukoro**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukoresha neza ibikoresho by’ikoranabuhanga biboneka mu rugo iwabo.

**Intego z'isomo**

Nyuma y'isomo abanyeshuri baraba bashobora:

- Kurondora ibikoresho nsakazamashusho
- Gutandukanya ibikoresho nsakazamashusho, ndangurumajwi, nyakiramajwi na nyakiramashusho
- Kuvuga umumaro n'imikoresherezwe yabyo

**Imfashanyigisho:**

Amashusho mfashanyigisho n'imfashanyigisho zifatika radiyo, tereviziyo, terefone zigendanwa, terefone zitagendanwa, mudasobwa, "camera".

**Uburyo bwo kwigisha**– **Isubiramo**

Mwarimu abaza ibibazo ku isomo baheruka kwiga.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byabyo**

Ibibazo	Ibisubizo
1 Tanga ingero 2 z'ibikoresho ndangururamajwi.	1. "headphone", "loudspeaker"
2. Ni iyihe ndangururamajwi ubona ku nyakiramajwi yo mu rugo iwanyu?	2. "microphone"

– **Kwitegereza / gukorakora**

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda abaha Imfashanyigisho zifatika.

Mwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza / gukorakora Imfashanyigisho zifatika.

– **Kurondora ibikoresho nsakazamashusho**

Mwarimu asaba abanyeshuri bari mu matsinda kurondora amazina y’Imfashanyigisho bafite.

Abanyeshuri bahuza ibyavuye mu matsinda mwarimu abikorera ubugororangingo.

**Ingero:**

Terefone zigendanwa, mudasobwa, “camera”.

– **Gutandukanya ibikoresho by’insakazamashusho**

Mwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda mato (5-6), abanyeshuri baritegereza / bakorakore amashusho / y’ibikoresho binyuranye by’ibanze mu ikoranabuhanga. Abasaba gukora ikiganiro nyungurana bitekerezo batekereza ku mumaro, imikoreshereze n’inyito y’ibyo bikoresho.

Mwarimu ayobora abanyeshuri mu gihe cyo guhuriza hamwe ibyavuye mu matsinda kandi akabikorera ubugororangingo.

**Ingero:**

Tereviziyo, terefone, mudasobwa, “camera”.

– **Umukoro**

Mwarimu asaba abanyeshuri gukoresha bimwe mu bikoresho by’ikoranabuhanga bafite mu rugo iwabo.

**Mvumbuye ko:**

Mu bikoresho by’ibanze mu ikoranabuhanga harimo ibice 4:

- ) Ibikoresho nyakiramajwi na nsakazamajwi
- ) Ibikoresho nyakiramashusho na nsakazamashusho

Ibikoresho by’ibanze by’ikoranabuhanga ari: radiyo, tereviziyo, terefone zigendanwa, terefone zitagendanwa, mudasobwa, “headphone”, “camera” na “microphone”.

Bivuga ari uko babicometse ku mashanyarazi cyangwa babishyizemo amabuye.

### 3.3.4 Isomo rya 4: Isuzuma rikomatanya

#### Intego z'isomo

Nyuma y'uyu mutwe abanyeshuri baraba bashobora:

- Kurondora ibikoresho byinjiza cyangwa bisohora amajwi n'amashusho.
- Kumenya gukoresha terefone na radiyo.

#### Imfashanyigisho:

Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri amashusho mfashanyigisho n'imfashanyigisho zifatika harimo tereviziyo, terefone, mudasobwa, "projector", radiyo, "loudspeaker", "headphone", "microphone".

#### Uburyo bw'isuzuma

##### – Intangiriro/Isuhamamaza

Mwarimu abaza ibibazo ku masomo yose agize uyu mutwe.

Isuzuma rigizwe n'ibibazo abana bashobora gukorera mu matsinda n'ibyo umwana ubwe akora, iri suzuma kandi riha umwanya munini ubumenyi n'ubumenyi ngiro.

#### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byazo

Ibibazo	Ibisubizo
1. Ibikoresho by'ibanze by'ikoranabuhanga birimo amatsinda angahe?	1. Amatsinda ane: Ibikoresho nsakazamashusho, ndan-gururamajwi, nyakiramajwi na nyakiramashusho.
2. Tanga ingero 3 z'ibikoresho nsakazamashusho?	2. Tereviziyo, "camera" na mudasobwa
3. Rondora ibikoresho by'ibanze mu ikoranabuhanga.	3. Radiyo, "loudspeaker", "headphone", "microphone", tereviziyo, terefone, mudasobwa na "camera".

**4.1 Intego z’umutwe**

- Kurondora no gutandukanya amasoko n’amoko y’amazi,
- Gusobanura akamaro k’amazi,
- Gutandukanya ibyiciro byo kumesa,
- Kumesa neza muswari, amasogisi n’agatambaro ko guhanagura intoki,
- Gusobanura no kuronga ibiribwa bibisi.

**4.2 Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe:**

Gushobora gutandukanya amasoko no gusobanura amoko n’akamaro k’amazi, kumesa imyambaro yoroheje no kuronga ibiribwa bibisi.

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy’umwarimu igitabo cy’umunyeshuri, amashusho mfashanyigisho n’imfashanyigisho zifatika harimo ibesani, isabuni, muswari, amasogisi, ibijumba cyangwa ibirayi, karoti n’imboga rwatsi, imbuto, amacupa n’ibikombe.

**4.3 Uruhererekane rw’amasomo****4.3.1 Isomo rya 1: Amasoko n’akamaro k’amazi**

*Igitabo cy’umunyeshuri, p32-33*

**Intego z’isomo**

Nyuma y’isomo abanyeshuri baraba bashobora:

- Kurondora amasoko n’amoko yose y’amazi mu karere ishuri rihereyemo

- Gutandukanya amasoko n’amoko y’amazi
- Kurondora akamaro k’amazi n’uko wayabungabunga

### **Imfashanyigisho:**

Amashusho y’amasoko y’amazi atandukanye, amazi meza n’amazi mabi.

### **Uburyo bwo kwigisha**

#### **– Intangiriro**

Mwarimu aiyana abanyeshuri ahari amasoko atandukanye mu karere ishuri rihereyemo ababaza ibibazo bituma bavumbura ko amasoko y’amazi mu karere ishuri rihereyemo atandukanye

### **Urugero rw’ibibazo n’ibisubizo byabyo**

<b>Ibibazo</b>	<b>Ibisubizo</b>
1. Amasoko y’amazi atandukaniye kuki?	1. Amasoko y’amazi atandukaniye ku ngano y’amazi y’isoko
2. Ni iyihe soko y’amazi ifite amazi menshi?	2. Ni inyanja

### **Uburyo bwo kwigisha**

#### **– Kwitegereza / gukorakora**

Mwarimu ashira abanyeshuri mu matsinda mato (5-8). Abasaba gutandukanya amasoko n’amoko y’amazi mu karere ishuri rihereyemo, bayitegereza aho ari cyangwa bayitegereza/ bayakorakora aho ashushanyije. Mwarimu asaba abanyeshuri guhuza ibyavuye mu matsinda maze nawe akabishyiraho ubugororangingo.

#### **– Kurondora no gutandukanya amasoko n’amoko y’amazi**

Abanyeshuri bari mu matsinda yabo, mwarimu ababaza ibibazo bituma babasha kurondora amasoko y’amazi. Abanyeshuri bahuza ibyavuye mu matsinda mwarimu amaze kubishyiraho ubugororangingo.



## Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
1. Ni ayahe masoko karemano y'amazi mwabonye?	1. Amazi y'imvura, imigezi, ibiyaga, inzuzi, inyanja.
2. Vuga amasoko abiri yahanzwe n'umuntu	2. Ikidamu, amazi y'ikigega
3. Ni ayahe moko y'amazi mwabonye ?	3. Amazi meza, amazi mabi

### – Kurondora akamaro k'amazi

Mwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda mato (5-8), ababaza ibibazo biganisha ku kwivumburira ubwabo akamaro amazi abafitiye by'umwihariko n'akamaro afitiye ibinyabuzima byose muri rusange. Mwarimu abaha umwanya wo kuganira mu itsinda barimo ku kibazo ababajije.

## Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
1. Ni ibihe bintu 2 ukoresha amazi?	1. Amazi aranyobwa, agakoreshwa mu isukura
2. Kugira ngo mu rugo mubone ibyo kurya batekesha iki?	2. Batekesha amazi
3. Kugira ngo bagusukurire imyenda y'ishuri bayimesesha iki?	3. Bameshesha amazi
4. Iyo muganga aguhaye ibinini (umuti) ubinyweshya iki?	4. Ibinini mbinyweshya amazi

Nyuma yo kuganira ku bibazo no guhuza ibivuye mu matsinda atandukanye mwarimu ashiraho ubugororangingo.

– **Umukoro**

Mwarimu asaba abanyeshuri gutekereza uko biba bimeze iyo amazi yabuze iwabo. Maze abasaba guhora bayafata neza kubera akamaro kayo.

– **Mvumbuye ko :**

Amazi aturuka mu masoko anyuranye:

**Amasoko karemano:** udusoko duto, imigezi itemba, Ibiyaga, Inyanja n’amazi y’imvura.

**Amasoko umuntu ashobora guhanga:** ibyuzi, robine, kano, ibigega, ibidamu.

- a. Amoko abiri y’amazi: amazi meza n’amazi mabi.
- b. Ibifite ubuzima byose bikenera amazi kugira ngo bibeho.

**4.3.2 Isomo rya 2:**

**Ibyiciro byo kumesa imyenda**

*Igitabo cy’umunyeshuri, p 35*

**Intego z’isomo**

Nyuma y’isomo abanyeshuri baraba bashobora:

- Kurondora ibyiciro byo kumesa
- Kumesa utwenda tworoheje
- Kurondora akamaro ko kwambara imyenda imeshe n’ingaruka zo kwambara imyenda itameshe

**Imfashanyigisho:**

Amashusho mfashanyigisho, amazi, ibesani, ijerekani, isabune, indobo, umuswari (utwenda tworoheje), ipensi, umugozi wo kwanikaho, ipasi n’akabati.

**Uburyo bwo kwigisha**

– **Intangiriro**

Mwarimu aganiriza abana ababaza ibibazo biganisha ku kwivumburira ubwabo ko igikorwa cyo kumesa kigira ibyiciro. Kandi iyo ibyo byiciro bidakurikijwe uba utarangije neza bityo icyo wamesaga kikaba kidakeye.

## Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byabyo.

Ibibazo	Ibisubizo
1. Kumesa umwenda ni ukurambika umwenda mu mazi maze ukawukuramo? Yego /oya	1. Oya
2. Iyo umwenda ushyizwe mu mazi ukorerwa iki kugirango use neza?	2. Urameswa kugeza ucyeye
3. Iyo umwenda ukuwe mu mazi ukorerwa iki kugirango ube wakwambarwa?	3. Uranikwa, ukagororwa wumye.

### – Kwitegereza / gukorakora

Mwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda mato (5-8), abasaba kwitegereza / gukorakora imfashanyigisho y'ibyiciro by'ingenzi mu kumesa umwenda, maze bagirana ikiganiro nyunguranabitekerezo. Ibivuye mu matsinda birahuzwa, hashyirwaho ubugororangingo bwa mwarimu.

### – Kurondora ibikoresho byo kumesa

Mwarimu asaba abanyeshuri bari mu matsinda kungurana ibitekerezo ku bikoresho byo kumesa.

### Ingero:

Ibesani, amazi, isabune, imyenda, umugozi n'udufashi.

### – Gutandukanya ibyiciro byo kumesa

Mwarimu asaba abanyeshuri mu matsinda yabo gutandukanya ibyiciro byo kumesa. Mwarimu abaza ibibazo biganisha ku kuvumbura kw'abana ubwabo ko kumesa umwenda binyura ku byiciro bitandukanye. Ibivuye mu matsinda bihurizwa hamwe maze mwarimu ashya ubugororangingo.

## Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
1. Hakorwa iki mbere yo kumesa?	1. Gushyira imyenda hamwe no kuyivangura
2. Hakorwa iki mu gihe cyo kumesa?	2. Kuyinika, kuyimesa, guhindura amazi, kuyunyuguza no kayanika

Mwarimu asaba ko muri buri tsinda umunyeshuri umwe kumesa umuswari we akurikije ibyiciro byo kumesa bagenzi be mu itsinda bamufasha kutagira icyiciro asimbuka

### – Umukoro

Mwarimu asaba buri munyeshuri kumesa ageze mu rugo umuswari we akurikije ibyiciro byo kumesa.

### – Mvumbuye ko

**Kumesa imyenda bigira ibyiciro:** mbere, mugihe na nyuma yo kumesa.

**Mbere yo kumesa:** Gushyira imyenda hamwe no kuyivangura

**Mu gihe cyo kumesa:** Kuyinika, kuyimesa, guhindura amazi, kunyuguza no kuyanika

**Nyuma yo kumesa:** Kuyanura, kuyigorora no kuyibika.

### 4.3.3 Isomo rya 3:

### Kuronga ibiribwa bibisi

*Igitabo cy'umunyeshuri, p 37*

### Intego z'isomo

Nyuma y'isomo abanyeshuri baraba bashobora:

- Gusobanura uko baronga ibiribwa
- Kuronga ibiribwa bibisi

### Imfashanyigisho:

Amashusho mfashanyigisho, imboga imbuto, karoti, ibijumba, amazi, ijerekani, indobo, isafuriya, ibijumba, ibirayi, amateke, dodo n'intoryi.

## Uburyo bwo kwigisha

### – Intangiriro

Mwarimu ashyira abana mumatsinda mato (5-8). Ababaza ibibazo biganisha ku gusobanukirwa ubwabo ko ibiribwa bibisi bikeneye kurongwa mbere yo gutekwa/kuribwa.

### Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
1. Icunga riguzwe mu isoko rikorerwa iki mbere yo kurirya?	1. Kurironga mu mazi meza
2. Imboga zivuye mu murima zikorerwa iki mbere yo kuziteka?	2. Kuzironga mu mazi meza

### – Kwitegereza / gukorakora

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda mato (5-8). Kubaha ibishushanyo mfashanyigisho byerekana amoko y'ibiribwa bibisi bikenera kurongwa mbere yo gukoreshwa. Kuyobora ikiganiro nyunguranabitekerezo mu matsinda atandukanye aho abana basobanukirwa ibiribwa byo mu matsinda atandukanye (imboga, imbuto n'ibinyabijumba). Guhuriza hamwe ibyavuye mu matsinda.

### – Kuronga ibiribwa bibisi.

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda mato (5-8). Kubaha ibiribwa bibisi hamwe n'ibishushanyo mfashanyigisho ku buryo bwo kuronga ibyo biribwa. Mwarimu ayobora ikiganiro nyunguranabitekerezo mu matsinda atandukanye aho abana basobanurirana uburyo bwo kuronga ndetse bakanaronga ibiribwa byo mu matsinda atandukanye (imboga, imbuto n'ibinyabijumba).

### – Kuronga ibinyabijumba

Ibinyabijumba birongwa kimwe, bisaba gukoresha amazi meza menshi kandi ubyoza agerageza kubikuba cyane akamaraho ubutaka buba bwarafasheho bikunyuguzwa mu mazi nk'inshuro eshatu cyangwa zirenga.

– **Kuronga imboga**

Mbere yo kuzironga bisaba kubanza kuzitotora.

Zinyuzwa mu mazi meza inshuro 3 cyangwa zirenga kugira ngo imisenyi cyangwa ivumbi rizishireho.

Si byiza kuronga imboga wamaze kuzikata kuko zitakaza intungamubiri.

– **Umukoro**

Mwarimu asaba abana gufata ingamba zo gukangurira ababyeyi gukora neza isuku y’ibiribwa bibisi ndetse n’imboga.

– **Mvumbuye ko:**

Ibiribwa ni ingenzi ku mubiri wacu. Kugira ngo bitugirire akamaro bigomba gutegurwa neza bigirirwa isuku kuva bitangira gutegurwa kugeza biribwa:-

#### **4.3.4 Isomo rya 4: Isuzuma rikomatanya**

##### **Intego z’isomo**

Nyuma y’isoma abanyeshuri baraba bashobora:

- Kurondora amwe mu masoko n’amoko atandukanye y’amazi
- Kurondora ibyiciro byo kumesa no kumesa utwenda tworoheje
- Kuronga neza ibiribwa bibisi.

##### **Imfashanyigisho:**

Igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umunyeshuri, amashusho mfashanyigisho n’imfashanyigisho zifatika harimo ibesani, isabuni, muswari, amasogisi, ibijumba cyangwa ibirayi, karoti n’imboga rwatsi, imbuto, amacupa n’ibikombe.

##### **Uburyo bw’isuzuma**

– **Intangiriro/Isuhamo**

Mwarimu abaza ibibazo ku masomo yose agize uyu mutwe.

Isuzuma rigizwe n’ibibazo abana bashobora gukorera mu matsinda n’ibyo umwana ubwe akora, iri suzuma kandi riha umwanya munini ubumenyi n’ubumenyi ngiro.

Mwarimu abaza ibibazo by’isubiramo ku masomo baheruka kwiga.

## Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
1. Rondora amasoko y'amazi.	<p><b>1.</b></p> <p><b>a. Amasoko y'amazi karemano:</b> Amazi y'imvura, imigezi, ibiyaga, inyanja, inzuzi n'ibiyaga.</p> <p><b>b. Amasoko y'amazi umuntu ashobora kwihangira:</b> Ibidamu by'amazi, amazi azamurwa n'ipompo, amaziya robine/kano n'ibigega by'amazi.</p>
2. Vuga Ibyiciro byo kumesa.	<p><b>2. Mbere yo kumesa:</b> Gushyira imyenda hamwe no kuyivangura</p> <p><b>Mu gihe cyo kumesa:</b> Kuyinika, kuyimesa, guhindura amazi, kuyunyuguzanya no kuyanika</p> <p><b>Nyuma yo kumesa:</b> Kuyanura, kuyigorora no kuyibika</p>

### – Imyitozo

Mwarimu aha buri munyeshuri umwanya wo kurongana “dodo” no kumesa “umuswari” akurikije amabwiriza yo kurongana imboga no kumesa.

Mwarimu atoza abanyeshuri gukorera hamwe no kuzuzanya kandi ashimira abakoze neza.





## UMUTWE WA

# 5

## INYAMASWA

### 5.1 Intego y'umutwe

- Kurondora no gutandukanya inyamaswa zo mu rugo n'izo mu gasozi
- Kurondora amazina y'udusimba duto, kutwerekana no kurondora ibice bitugize.
- Kurondora umumaro w'inyamaswa zo mu rugo n'izo mu gasozi

### 5.2 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

- Gushobora gutandukanya inyamaswa zo mu rugo (zororwa) n'izo mu gasozi (zitororwa) zo mu karere ishuri ryubatsemo
- Kumenya akamaro kazo
- Kumenya ibice bigize udusimba duto

### 5.3 Uruhererekane rw'amasomo

#### 5.3.1 Isomo rya 1:

#### Inyamaswa zo mu rugo n'akamaro kazo

*Igitabo cy'umunyeshuri, p 40-42*

#### Intego z'isomo

Nyuma y'isomo abanyeshuri baraba bashobora:

- Kurondora inyamaswa zo mu rugo,
- Kuvuga akamaro kazo.

#### Imfashanyigisho:

Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho mfashanyigisho. Imfashanyigisho zifatika: inyamaswa zinyuranye z'aho bororera: Inka, intama, ihene, urukwavu, imbwa, ingurube, igishuhe n'inkoko, amagi, amata, inkweto n'umukandara.

## Uburyo bwo Kwigisha

### – Intangiriro

Umwari mu aya abanyeshuri ahantu bororera amatungo anyuranye. Abanyeshuri mu matsinda mato bagirana ikiganiro nyunguranabitekerezo bagamije kurondora mu mazina yazo inyamaswa babonye/bakorakoye.

### Urugero:

Inka, intama, ihene, urukwavu, imbwa, ingurube, igishuhe n'inkoko

### – Kwitegereza/ Gukorakora

Umwari mu asaba abanyeshuri kwitegereza/ gukorakora amatungo basanze aho basuye.

### – Kurondora amazina y'amatungo

Mwarimu asaba abanyeshuri bari mu matsinda kurondora amazina y'amatungo babonye basubiza ibibazo ababaza.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
1. Ni ayahe matungo mwabonye aho bororera?	1. Inka, intama, ihene, urukwavu, ingurube n'inkoko
2. Ni ayahe matungo mubona kuri aya mashusho?	2. Imbwa, igishuhe, dendo, inka, intama, ihene, urukwavu, ingurube n'inkoko

### – Gutandukanya inyamaswa zo mu rugo n'akamaro kazo.

Mwarimu asaba abanyeshuri kuja mu matsinda, bakora ikiganiro nyunguranabitekerezo ku itandukaniro hagati y'inyamaswa zo mu rugo n'akamaro kazo. Mwarimu ababaza ibibazo bitandukanye agamije kubayobora mu kiganiro.

## Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byazo

Ibibazo	Ibisubizo
1. Ni ayahe matsinda agize Inyamaswa zo mu rugo? 2. Vuga akamaro kazo.	1. Amatungo maremare n'amatungo magufi 2. Zitanga ifumbire, inyama, amafaranga, ibyambarwa (inkweto, imikandara n'imyenda), amagi, amata n'izirinda urugo.

### – Imyitozo

Mwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda, abaha amashusho ahagije ashushanyijeho zimwe mu nyamaswa zo mu rugo abasaba kurondora amazina yazo n'umumaro wazo.

### – Mvumbuye ko:

**Inyamaswa zo mu rugo zirimo ibice 2:**

**Amatungo maremare:** Inka.

**Amatungo magufi:** ihene, intama, ingurube, imbeba, inkwavu, inkoko, imbata, dendo n'inuma.

**Akamaro k'inyamaswa zo mu rugo:** Zitanga inyama, amata, amagi, amavuta, ifumbire n'amafaranga. Impu z'amatungo amwe n'amwe bazikoramo inkweto n'imikandara. Ubwoya bwazo babukoramo imyenda.

### 5.3.2 Isomo rya 2: Inyamaswa zo mu gasozi n'akamaro kazo.

*Igitabo cy'umunyeshuri, p43*

### Intego z'isomo

Nyuma y'isomo abanyeshuri baraba bashobora:

- Kurondora inyamaswa zo mu gasozi
- Kurondora umumaro w'inyamaswa zo mu gasozi.

### Imfashanyigisho:

Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, Amashusho mfashanyigisho, Imfashanyigisho zifatika: inyamaswa zinyuranye zo mugasozi intare, inzovu, twiga, ingwe, impyisi, Ingagi, impara, imparage, ingeragere, isha n'udusimba duto.

### Uburyo bwo kwigisha

#### – Intangiriro

Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku matungo yo mu rugo

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
1. Rondora zimwe mu nyamaswa zo mu rugo	1. Inka, intama, ihene, urukwavu, imbwa, ingurube, igishuhe n'inkoko
2. Amatungo maremare agizwe n'ayahe matungo?	2. Inka

#### – Kwitegereza / gukorakora no Kurondora inyamaswa zo mu gasozi

Mwarimu aha abanyeshuri amashusho mfashanyigisho ku nyamaswa zo mu gasozi, barayitegereza, basubiza ibibazo mwarimu abaza ashingiye ku mashusho babonye.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Igisubizo
1. Ni izihe nyamaswa mubona kuri aya mashusho?	1. Intare, inzovu, twiga, ingwe, impyisi, Ingagi, impara, imparage ingeragera n'isha
2. Mu nyamaswa mureba/ mukorakoye n'iyihe iruta izindi mu bunini	2. Inzovu

#### – Gutandukanya inyamaswa zo mu gasozi

Mwarimu asaba abanyeshuri bari mu matsinda ya (5-8) kugirana ikiganiro nyunguranabitekerezo, bifashishije amashusho y'inyamaswa zo mu gasozi bazigereranye bashingiye ku bunini bwazo.

Abanyeshuri basubiza ibibazo bituma babasha kubona bimwe mu bitandukanya inyamaswa zo mu gasozi.

Bimwe mu bibazo baganiraho mu matsinda.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ikibazo	Igisubizo
1. N'iyihe nyamaswa mubona kuri aya mashusho?	1. Inzovu
2. Utu tunyamaswa duto twitwa gute?	2. Udusimba duto

#### – Imyitozo

Umwari mu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabaha amashusho ahagije ashushanyijeho zimwe mu nyamaswa zo mugasozi bakavugaga amazina yazo n'umumaro wazo.

#### – Umukoro

Shushanya inyamaswa 2 ziba mu gasozi.

#### – Mvumbuye ko :

Inyamaswa zo mu gasozi ziba mu mashyamba, ntizororwa.

Inyamaswa zo mu gasozi zikurura ba mukerarugendo zikinjiza amadovize mu gihugu, zongera ubukungu bw'igihugu.

### 5.3.3 Isomo rya 3:

### Udusimba duto n'ibice bitugize

*Igitabo cy'umunyeshuri, p44*

#### Intego z'isomo

Nyuma y'isomo abanyeshuri baraba bashobora:

- Kurondora udusimba duto n'ibice bitugize.
- Kurondora akamaro n'ingaruka ziterwa n'udusimba duto.

#### Imfashanyigisho:

Igitabo cya mwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho mfashanyigisho, Imfashanyigisho zifatika: isazi, ikinyugunyugu, uruyuki, umubu, ifuku n'icupa ribonerana.

## Intangiriro/ Isubiramo

Mwarimu abaza ibibazo ku ku nyamaswa zo mu gasozi.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ikibazo	Igisubizo
1. Tanga ingero 3 z'inyamaswa zo mu gasozi.	1. Imbogo, impyisi n'ingagi
2. N'akahe kamaro k'inyamaswa zo mugasozi ?	2. Inyamaswa zo mu gasozi zikurura ba mukererugendo, zizana amadevize.

#### – Kwitegereza / gukorakora

Mwarimu aha abanyeshuri amashusho mfashanyigisho ku dusimba duto bakayitegereza, ababazaho ibibazo

#### – Kurondora

Mwarimu asaba abanyeshuri bari mu matsinda kugirana ikiganiro nyunguranabitekerezo ku mazina y'inyamaswa babona ku mashusho. Ibibazo mwarimu abaza biyobora abanyeshuri bakabasha kuvumbura inyamaswa zitandukanye ziri ku mashusho. Abanyeshuri bahuriza hamwe ibyavuye mu matsinda. Buri tsinda ryirinda gusubira mu mazina yavuzwe.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ikibazo	Igisubizo
Ni utuhe dusimba mubona kuri aya mashusho?	Isazi, umubu, imbeba, ifi, ikinyugunyugu, uruyuki n'igitagangurirwa

#### – Gutandukanya udusimba

Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga itandukaniro hagati y'udusimba bari kwitegereza.

Gusaba abanyeshuri kujya mu matsinda bakungurana ibitekerezo bagaragaza itandukaniro hagati y'udusimba n'ibice bitugize bakavuga n'akamaro ingaruka zatwo bashobora kuba bazi.

Mwarimu ajyana abana hanze y'ishuri, abereka kandi abasaba gufata udusimba duto bakadushyira mu macupa abonerana.

Bagarutse ababaza ibibazo bituma bitegereza udusimba duto bafite maze bavumbure ibice bigize udusimba duto.

**Ingero z’ibibazo n’ibisubizo byabyo:**

<b>Ibibazo</b>	<b>Ibisubizo</b>
1. Udusimba mubona dutandukaniye he?	1. Hari amababa, amaguru bitaboneka ku dusimba twose,
2. Ni ibihe bice bigize udusimba duto?	2. Umutwe, igihimba n’amaguru
3. Ni izihe ngaruka ziterwa n’udusimba muzi ?	3. Hari udukwirakwiza indwarwa (umubu, isazi,...)
4. Ni akahe gasimba gafite akamaro muzi ?	4. Uruyuki rukora ubuki.

– **Mvumbuye ko:**

Udusimba duto tugizwe n’ibice 3 by’ingenzi: Umutwe, igihimba n’amaguru.

**Urugero:**

Umubu, uruyuki, isazi.

- Udusimba dufite aho dutandukaniye

**Udufite amababa:** Uruyuki, isazi, umubu, ikinyugunyugu.

**Utudafite amababa:** Imperi, inzukira, inshishi.

**Udufite amaguru menshi:** Magurigihumbi.

**Utudafite amaguru:** umunyorogoto.

- Udusimba dufite akamaro: Inzuki zitanga ubuki, udusimba dutera indwara: imibu itera malariya, isazi zikwirakwiza indwara. ziterwa n’umwanda.

**5.3.4 Isomo rya 4: Isuzuma rikomatanya**

**Intego z’isomo**

Nyuma y’uyu mutwe abanyeshuri baraba bashobora:

Gutandukanya inyamaswa zo mu rugo n’izo mu gasozi, umumaro wazo n’ibice bigize udusimba duto.

## Imfashanyigisho:

Igitabocya mwarimu, igitabocya umunyeshuri, amashusho mfashanyigisho n'imfashanyigisho zifatika harimo inka, intama, ihene, urukwavu, imbwa, ingurube, igishuhe, agacurama, imbeba, umuserebanya, ifi, inzoka, isazi, ikinyugunyugu, uruyuki, umubu, ifuku, ivubi, intozi n'inshishi.

## Uburyo bw'isuzuma

### Intangiriro

Mwarimu abaza ibibazo ku masomo yose agize uyu mutwe. Isuzuma rigizwe n'ibibazo abana bashobora gukorera mu matsinda n'ibyo umwana ubwe akora, iri suzuma kandi riha umwanya munini ubumenyi n'ubumenyi ngiro.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

#### – Imyitozo

Mwarimu aha umwanya buri munyeshuri akavuga inyamaswa zo mu

Ikibazo	Igisubizo
1. Tanga ingero 3 z'inyamaswa zo mu rugo	1. Intama, ingurube n'urukwavu.
2. Tanga ingero 3 z'inyamaswa zo mu gasozi	2. Impongo, impyisi n'ingango.
3. Ni ibihe bice bigize udusimba duto?	3. Umutwe, igihimba n'amaguru.
4. Tanga ingero 3 z'udusimba uzi	4. Igitagangurirwa, isazi n'umubu.
5. Tanga urugero rw'agasimba gatera ingaruka mu bantu.	5. Umubu utera marariya.
6. Ni akahe gasimba muzi gafite umumaro ?	6. Uruyuki rutanga ubuki.
7. Ni akahe gasimba uzi gafite amababa ?	7. Ikinyugunyugu.

rugo, zo mu gasozi n'udusimba ndetse n'akamaro kazo.



## UMUTWE WA

# 6

## IBIMERA

### 6.1 Intego z'umutwe

- Gutandukanya no kurondora ibimera byo mu karere
- Gutandukanya ibimera bihingwa n'ibimera byimeza

### 6.2 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gushobora gutandukanya ibimera bihingwa n'ibyimeza biri mu karere ishuri ryubatsemo.

### 6.3 Uruhererekane rw'amasomo

#### 6.3.1 Isomo rya 1: Ibimera bihingwa

*Igitabo cy'umunyeshuri, p 47*

#### Intego z'isomo

Kurondora ibimera bihingwa mu karere ishuri rihereyemo.

#### Imfashanyigisho:

Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho mfashanyigisho n'imfashanyigisho zifatika harimo ibishyimbo, ibigori, amasaka, insina, icyayi, ikawa, amapera, avoka, uburo, ingano, ibirayi, amateke, ibikoro n'umuceri.

#### Uburyo bwo kwigisha

#### Intangiriro

Mwarimu abaza ibibazo bituma batekereza ku bimera babona mu karere ishuri rihereyemo.

## Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
1. Ni nde watubwira ibimera 3 iwabo bakunda guhinga?	nzira muza ku ishuri? 1. Amasaka, ibijumba n'imyumbati
2. Ni ibihe bimera munyuraho mu	2. Abanyeshuri barondora ibimera bitandukanye: Insina, ikawa, inturusi, igiti cy'avoka, uburo, ingano, ibirayi, amateke, ibikoro, umuceri n'ibindi byinshi.

### – Kwitegereza / gukorakora

Mwarimu aiyana abanyeshuri hanze y'ishuri aho bashobora gusanga ibimera bitandukanye. Abanyeshuri mu matsinda mato (5-8), bitegereza ibimera basanze mu karere ishuri ryubatsemo.

### – Kurondora ibimera bihingwa mu karere ishuri ryubatsemo

Mu kiganiro nyunguranabitekerezo, abanyeshuri mu matsinda yabo aho bagiye kureba ibimera bitandukanye hanze y'ishuri, mwarimu ababaza ibibazo bivumbura kurondora ibimera abana bazi kandi babona mu karere ishuri riherereyemo. Buri umwe wese arondora amazina y'ibimera asanze mu karere ishuri ryubatsemo (ahakikije ishuri).

### Ingero:

Ibishyimbo, ibigori, ibihwagari, ingano, amasaka, ikawa, amapera, igiti cy'avoka, uburo, ibikoro, ibijumba, imyumbati, ibirayi, amateke, ibikoro, umuceri, igishikashike, kimari, urwiri n'inteja.

### – Gutandukanya ibimera bihingwa

Mwarimu asaba abanyeshuri gutandukanya ibimera bihingwa n'ibimera bidahingwa basanze ahakikije ishuri ryabo.

Mu matsinda yabo mwarimu ababaza ibibazo bituma bavumbura ko ibimera bihingwa bitandukanye hashingiwe ku bisarurwa kuri ibyo bimera. Abanyeshuri bahuza ibivuye mu matsinda maze mwarimu abafasha gushyira mu matsinda ibimera bihingwa babonye.

## Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
1. Vuga ibimera bine ubona bidahuje ibyo basaruraho	1. Ibishyimbo, imigozi y'ibijumba amasaka n'igiti cy'avoka.
2. Tubwire ibisarurwa ku bihigwa wabonye	2. Imitanyu y'ibishyimbo, ibijumba, amahundo y'amasaka n'imbutu z'avoka.
3. Ni ayahe matsinda ibyo bimera wabonye tubisangamo?	3. Ibinyamisogwe, ibinyabijumba, ibinyampeke n'imbutu ziribwa

### – Imyitozo

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda abaha amashusho ahagije ashushanyijeho ibimera bihingwa barondora amazina yabyo banabishyira mu matsinda.

### – Mvumbuye ko:

Ibimera bihingwa birimo ibice bikurikira:

- Ibinyabijumba
- Ibinyampeke
- Ibinyamisogwe
- Imboga n'imbutu

### 6.3.2 Isomo rya 2: Ibimera kimeza

*Igitabo cy'umunyeshuri, p 48*

### Intego z'isomo

Nyuma y'isomo abanyeshuri baraba bashobora kurondora ibimera bidahingwa dusanga mu karere ishuri ryubatsemo no kurondora ibimera kimeza biboneka mu karere ishuri rihereyemo.

### Imfashanyigisho:

Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho mfashanyigisho n'imfashanyigisho zifatika harimo ibitovu, urwiri, kimari, inturusu, umucaca, umuvumu, umusave, imiyenzi, inyabarasanya, igicumucumu n'umwenya.

## **Uburyo bwo kwigisha**

### **– Intangiriro / Isubiramo**

Mwarimu ajyana abanyeshuri aho bashobora gusanga ibimera bitandukanye mu karere ishuri ryubatsemo.

### **– Kwitegereza / gukorakora**

Mwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda mato (5-8) abasaba kwitegereza / gukorakora ibimera by'ahakikije ishuri basuye. Ababaza ibibazo bituma bavumbura ko ibimera byose bidahingwa. Buri tsinda arisaba kuzana byibura ibimera 10 bitandukanye bivuye aho basuye.

### **– Kurondora**

Mwarimu asaba abanyeshuri kurondora amazina y'ibihingwa itsinda ryabo ryabonye bifashishije amashusho abonekaho ibimera bitandukanye, bahuriza hamwe ibivuye mu matsinda yose, mwarimu ashya ubugororangingo.

## **Ingero:**

Inturusu, inyabarasanya, umuvumu, igicumucumu, ibitovu, umucaca, imiyenzi, urwiri, n'umwenya.

### **– Gutandukanya ibimera kimeza**

Mwarimu ajyana abanyeshuri ahakikije ishuri mu karere ryubatsemo bashobora gusanga ibimera bitandukanye.

Mwarimu asaba abanyeshuri (mu matsinda mato) gutandukanya ibimera bihingwa n'ibimera byimeza. Mwarimu yifashishije ibibazo bigufi, asaba abanyeshuri gushyira mu matsinda ibimera byimeza akurikije uko bikura.

## Ingero rw'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ikibazo	Igisubizo
1. Rondora ibimera ubona byakuze kurusha ibindi	1. Inturusu, umuvumu, umugeti n'umuko.
2. Vuga itandukaniro riri hagati y'ibimera kimeza.	2. Ibimera birebire (ibiti birebire): umuko, umugeti Ibimera biringaniye (ibiti biciriritse): Imitobotobo, ibitovu, ibiziranyenzi, Ibyatsi: Inyabarasanya, kimari, inteja, urwiri.

### – Imyitozo

Mwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda akabaha amashusho ahagije ashushanyijeho ibimera kimeza abasaba kuvuga amazina yabyo n'akamaro kabyo.

### – Mvumbuye ko:

Hari amoko abiri y'ibimera:

**Ibimera bihingwa:** Ibishyimbo, ibigori, amasaka, insina, inturusu, icyayi, ikawa, amapera, avoka, .....

**Ibimera byimeza:** Ibitovu, urwiri, kimari, umucaca, inyabarasanya, umwenya, ...

### Mu bimera harimo:

- **Ibimera birebire (ibiti birebire)**

**Urugero:** umuko, umugeti, igiti cy'avoka, ... -

**Ibimera biringaniye (bicirirtse)**

**Urugero:** Imitobotobo n'ibitovu

## - Ibyatsi

### **Ingero:**

Inyabarasanya, inteja, urwiri, umucaca, kimari n'ibindi.

Ibimera kimeza bifite akamaro kanini haba ku muntu, cyangwa kunyamaswa.

- Ibimera kimeza bivamo imiti,
- Ibimera kimeza bivamo imibavu,
- Ibimera kimeza biraribwa (imbuto, imboga),
- Ibimera kimeza bitanga ingufu (inkwi, amakara),
- Ibimera kimeza bitunga amatungo,
- Ibimera kimeza bivamo ibikoresho binyuranye.

### **6.3.3 Isomo rya 3: Isuzuma rikomatanya**

#### **Intego z'isomo**

Nyuma y'uyu mutwe abanyeshuri baraba bashobora:

Kurondora ibimera bihingwa n'ibimera kimeza n'akamaro kabyo.

#### **Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho mfashanyigisho n'imfashanyigisho zifatika harimo ibishyimbo, ibigori, amasaka, insina, ibitovu, urwiri, kimari, inturusu, umucaca, umuvumu, umusave, igitovu, imiyenzi, icyayi, ikawa, inyabarasanya, karabukirwa, igicumucumu n'umwenya.

#### **Uburyo bw'isuzuma**

#### **Intangiriro**

Mwarimu abaza ibibazo ku masomo yose agize uyu mutwe.

Isuzuma rigizwe n'ibibazo abana bashobora gukorera mu matsinda n'ibyo umwana ubwe akora, iri suzuma kandi riha umwanya munini ubumenyi n'ubumenyi ngiro.

## Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
1. Tanga ingero 3 z'ibimera bihingwa.	1. Ibijumba, ingano n'avoka.
2. Tanga ingero 3 z'ibimera kimeza.	2. Umuko, inteja n'urwiri.
3. Ni ibihe bimera muzi bitanga imbuto ziribwa ?	3. Igiti k'ipapayi n'Igiti k'ipera.
4. Vuga akamaro k'ibimera a. Ku muntu b. Ku matungo	4. a. Ibimera ni ibiribwa, bikorwamo imiti, imibavu, imbaho zo gukoramo bimwe mu bikoresho byo mu rugo n'ibindi.  b. Ni ibiryo by'amatungo.
5. Vuga ibimera 4 iwanyu mukunda guhinga	5. Ibishyimbo, amashu, ingano n'ibijumba.
6. Tanga ingero 2 z'ibinyampeke	6. Amasaka n'uburo.
7. Shyira ibihingwa bikurikira mu matsinda yabyo: Ibirayi, uburo, dodo, amashu, n'amashaza.	7. Ibirayi: Ibinyabijumba Uburu: Ibinyampeke. Dodo, amashu: Imboga. Amashaza: ibinyamisogwe.





## UMUTWE WA

# 7

## IMYANDA N'ISUKURA

### 7.1 Intego z'umutwe

- Gutandukanya amoko y'imyanda
- Gusukura ahakikije ishuri n'umumaro wabyo
- Kwita ku myanda

### 7.2 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gutandukanya amoko y'imyanda, gusukura ahadukikije n'umumaro wabyo.

### 7.3 Uruhererekane rw'amasomo

#### 7.3.1 Isomo rya 1: Imyanda ibora

*Igitabo cy'umunyeshuri, p 51*

#### Intego z'isomo

- Kurondora imyanda ibora
- Kwita ku myanda ibora

#### Imfashanyigisho:

Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho mfashanyigisho n'imfashanyigisho zifatika harimo imyanda iva ku matungo, ibisigazwa by'ibiribwa, impapuro n'amababi y'ibiti.

#### Intangiriro

Mwarimu ajyana abanyeshuri hafi y'ikimoteri k'ishuri, bitegereza imyanda irimo, bayigereranya n'iyi babona mu ngarani yo mu rugo iwabo. Mwarimu abaza ibibazo bituma abanyeshuri babasha kuvumbura amako atandukanye y'imyanda iboneka mu kimoteri.

#### Uburyo bwo kwigisha

##### – Kwitegereza / Gukorakora

Mwarimu ajyana abanyeshuri ku kimoteri/ingarani, asaba abanyeshuri kwitegereza imyanda itandukanye y'ikimoteri k'ishuri / umuturanyi w'ishuri.

– **Kurondora amoko y’imyanda**

Mwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma barondora amoko y’imyanda itandukanye basanze mu kimoteri.

– **Gutandukanya imyanda ibora**

Mwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda mato (5-8), abaza ibibazo bibafasha kurondora no gutandukanya amoko y’imyanda basanze mu kimoteri. Nyuma y’ikiganiro nyunguranabitekerezo mu matsinda mato ku itandukaniro ry’imyanda basanze mu ngarani bahuriye hamwe ibyavuye mu matsinda maze mwarimu abikorera ubugororangingo. Mu matsinda mato kandi mwarimu ababaza ibibazo bituma bashobora gushyira imyanda babonye mu matsinda atandukanye bakurikije ibyo ikomokaho.

**Ingero z’ibibazo n’ibisubizo byabyo**

<b>Ibibazo</b>	<b>Ibisubizo</b>
1. Imyanda ubona iratandukanye?	1. Yego
2. Iyi myanda itandukaniye kuki?	2. Itandukaniye ku nkomoko yayo
3. Urabona amatsinda angahe y’imyanda ashingiye ku nkomoko yayo?	3. Amatsinda atatu y’imyanda
4. Ayo matsinda ni ayahe?	4. Imyanda ibora, imyanda itabora, Imyanda ifite uburozi
5. Shyira imyanda wasanze mu ngarani mu matsinda ukurikije inkomoko yayo.	5. <b>Imyanda ikomoka ku matungo:</b> amase, amahurunguru n’amatotoro. - <b>Imyanda ikomoka ku bimera:</b> Amababi n’imbuto z’ibiti, ibishogoshogo, amakoma n’ibyatsi biva mu busitani bw’ishuri no ku ndabyo. - <b>Imyanda ibora ikomoka ku bisigazwa by’ibintu abantu bakoresha:</b> Impapuro n’ibikarito.

## Urugero rw'ibigize imyanda y'ikimoteri.

Amase, amahurunguru, amatoto, ibihatiro bya bimwe mu biribwa (ibitoki, ibirayi, ibijumba n'ibishogoshogo by'ibishyimbo), amababi y'ibiti, impapuro, ibikarito, ibisigazwa by'ibyuma, uducupa twavuyemo imiti cyangwa amazi n'amabuye ya radiyo.

### Mvumbuye ko:

1. Imyanda ibora irimo amatsinda atatu hakurikijwe inkomoko yayo:
  - **Imyanda ibora ikomoka ku matungo:** Amase, amahurunguru n'amatoto.
  - **Imyanda ibora ikomoka ku bimera:** Amababi n'imbutu z'ibiti, ibishogoshogo, amakoma n'ibyatsi biva mu busitani bw'ishuri no ku ndabyo.
  - **Imyanda ikomoka ku bisigazwa by'ibintu abantu bakoresha:** Impapuro n'ibikarito.
2. Imyanda ibora igomba guhurizwa mu ngarane.
3. Imyanda ibora ivamo ifumbire ikoreshwa mu gufumbira imyaka.
4. Ishobora kandi kuvamo ibicanwa byunganira inkwi n'amakara.

### 7.3.2 Isomo rya 2:

#### Imyanda itabora

*Igitabo cy'umunyeshuri, p52*

#### Intego z'isomo

- Kurondora imyanda itabora iboneka mu karere ishuri rihereyemo
- Kwita ku myanda itabora

#### Imfashanyigisho:

Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho mfashanyigisho n'imfashanyigisho zifatika harimo ingarane irimo imyanda ya parasitiki, amacupa, amashashe n'ibyuma.

## Uburyo bwo kwigisha.

### – Intangiriro/Isubiramo

Mwarimu abaza abanyeshuri mu kiganiro kigufi ibibazo ku isomo baheruka kwiga. Mwarimu ajyana abanyeshuri hafi y'ingarani y'imyanda itabora, bitegereza imyanda irimo bayigereranya n'iyo babonye mu ngarani y'imyanda ibora.

Mwarimu ababaza ibibazo bituma bashobora gutandukanya imyanda ibora n'imyanda itabora.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
1. Ni iyihe nkomoko y'imyanda mubona muri iyi ngarani?	1. Ku biyabuzima, ibisigazwa by'ibyuma n'ibisigazwa by'ibintu byakoreshejwe.
2. Ni iyihe myanda itabora mubona muri iki kimoteri?	2. Amacupa ya parasitiki, ibimene by'amacupa, ibimene by'ibirahure, amasashe n'ibisigazwa by'ibyuma.

### – Kwitegereza/ Gukorakora

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, abaha amashusho yerekana imyanda itabora iboneka mu ngarani yo mu rugo cyangwa ku ishuri.

### Umukoro

Mwarimu asaba abanyeshuri bari mu matsinda mato kurondora imyanda itabora babona mu ngarane iwabo.

### Ingero:

Turabona amacupa ya parasitiki, ibimene by'ibirahure n'iby'amacupa, amasashe n'ibyuma.

### – Gutandukanya imyanda itabora

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda mato, abaha amashusho yerekana imyanda itabora, abasaba kurondora amoko y'imyanda itabora babonye mu ngarani.

– **Umukoro**

Gushyira mu matsinda imyanda itabora iboneka mu ngarani hakurikijwe inkomoko yayo:

- Ibyuma
- Ibirahuri
- Parasitiki
- Amasashi

**Icyitonderwa**

Mu myanda iboneka mu rugo no ku ishuri, harimo imyanda ifite uburozi. Urugero: amabuye ya radiyo ashaje n’amabatiri y’imodoka.

– **Mvumbuye ko:**

Imyanda itabora irimo amatsinda akurikira hakurikijwe inkomoko yayo:

1. Ibyuma
2. Ibirahuri
3. Parasitiki
4. Amacupa
5. Ibisigazwa by’ibikoresho byo kwa muganga.

**Imyanda ifite uburozi:**

Ibikoresho byo kwa muganga, amacupa yavuyemo imiti, inshinge zakoreshejwe n’amabuye ya radiyo yakoreshejwe.

**7.3.3 Isomo rya 3: Uburyo bwo kwita ku myanda**

*Igitabo cy’umunyeshuri, p 53*

**Intego z’isomo**

Kumenya uburyo bwo kwita ku myanda

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy’umwarimu, Igitabo cy’umunyeshuri, amashusho mfashanyigisho n’imfashanyigisho zifatika harimo ibikoresho byifashishwa mu kwita ku myanda: amazi, imyeyo, imikoropesho, isabune, udutebo tujugunywamo imyanda n’ingarane.

## Uburyo bwo kwigisha

### – Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bumva ko ahari imyanda hose ishobora kugira ingaruka ku binyabuzima.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

ibibazo	ibisubizo
1. Ni byiza gushyira hafi y'abantu imyanda ifite uburozi? Yego/oya	1. Oya
2. Ni he washyira imyanda ibora?	2. Mu kimoteri / ingarani

### – Kwitegereza / gukorakora

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda mato, abasaba kwitegereza / gukorakora imyanda babona ku ishuri.

### Ingero:


Impapuro, umukungugu, amababi y'ibiti, ibyatsi byo mu busitani,....

### – Gukina umukino wo gukwirakwiza umwanda mu kibuga no kuwutoragura.

Kubaza abana abakwirakwiza imyanda abo aribo

1. Gusobanura ko abakwirakwiza imyanda ari abantu bayijugunya aho babonye aho kuyishyira mu gatebo kabugenewe (poubelle/dustbin).
2. Gusaba ko abanyeshuri 1-3 babishaka baba abakwirakwiza imyanda muri uyu mukino.
3. Abanyeshuri basigaye bagabanywamo amatsinda y'abana 6 buri tsinda.
4. Gushushanya umurongo batangiraho, amatsinda yose agakora imirongo inyuma yawo nk'uko bigaragara ku ishusho iri hasi.
5. Shyira indobo/igitebo imbere ya buri tsinda.
6. Guha buri wese ukwirakwiza imyanda agafuka kuzuye imyanda.

7. Gusobanura no kwerekana ko:
  - a. Ukwirakwiza imyanda arirukanka mu kibuga akwirakwiza imyanda uko abonye.
  - b. Abanyeshuri bari mu matsinda baragerageza gutoragura iyo myanda, bagenda bayisubiza mu ndobo (agatebo) iri imbere yabo. Ni ngombwa gutoragura ubwoko bw'umwanda umwe buri gihe.
8. Umukino urangira mu gihe imyanda yose yatoraguwe.
9. Niba hari igihe, kongera gukina, abandi banyeshuri bahinduka abakwirakwiza imyanda.



Igishushanyo cyerekana uko umukino wo gukwirakwiza imyanda ukinwa.

– **Gutandukanya imyanda abanyeshuri bavanye ku kibuga**

Umwarimu asaba abanyeshuri kurondora amoko y’imyanda bavanye ku kibuga k’ishuri n’ahahakikije.

Mu matsinda atandukanye bagirana ikiganiro nyunguranabitekerezo basubiza ibibazo hagamijwe gusobanukirwa ibi bikurikira:

- Amoko y’imyanda

- Uko imyanda yitabwaho
- Impamvu imyanda itandukanywa hakurikijwe inkomoko yayo

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ikibazo	Igisubizo
1. Ni iyihe myanda mwatoraguye mu kibuga k'ishuri?	1. Impapuro, amababi y'ibiti n'indi yazanywe n'umuyaga, amabuye ya radiyo ashaje, udusashi twavuyemo bombo, amakaramu yashizemo umuti n'ibisigazwa by'amabati.
2. Ikubiye mu yahe moko y'imyanda?	2. Ibora, itabora n'ifite uburozi
3. Imyanda yashyirwa mu ngarani imwe?	3. Oya
4. Kuki itagomba kuvangwa?	4. Kubera ko igomba gukoreshwa mu bikorwa binyuranye. Urugero: Hari ibora ivamo ifumbire, hari itabora ishobora guteza impanuka: ibimene by'amacupa cyangwa by'ibirahure cyangwa ikavugururwa mu ruganda  Ni ukugira ngo itaduteza isuku nke. Kugira ngo itegurwe kuzatanga ifumbire
5. Kuki imyanda igomba gushyirwa mu ngarane?	

#### - Mvumbuye ko:

- Gusukura ku ishuri ari ngombwa.
- Hari ibikoresho byifashishwa mu gusukura ku ishuri: Imyeyo, amazi, imikoropesho, udutambaro two guhanagura, udufuka n'udutebo tujugunywamo imyanda.



- Mu kujugunya imyanda mu ngarane, hatandukanywa imyanda ibora, itabora n'ifite uburozi.

### **7.3.4 Isomo rya 4: Uburyo bwo gusukura urugo n'aharukikije**

*Igitabo cy'umunyeshuri, p 54*

#### **Intego z'isomo**

Gusukura urugo n'aharukikije

#### **Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho mfashanyigisho n'imfashanyigisho zerekana ibikoresho by'isuku: umweyo, isuka, umukoropesho, igitambaro n'isabune.

#### **Uburyo bwo kwigisha**

##### **– Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibakangurira kuba ahantu hafite isuku.

#### **Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo:**

<b>Ibibazo</b>	<b>Ibisubizo</b>
1. Wakora iki igihe ubona ukikijwe n'imyanda?	1. Urasukura
2. Vuga ingaruka ziterwa n'imyanda.	2. Indwara zikwirakwizwa n'imyanda

##### **– Kwitegereza / Gukorakora no kurondora**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amashusho asobanura uburyo bwo gusukura. Kugirana ikiganiro nyunguranabitekerezo mu matsinda mato hagamijwe gusobanukirwa uburyo buberanye n'isukura ry'urugo n'aharukikije. Mwarimu yifashisha ibibazo kugira ngo ayobore ikiganiro nyunguranabitekerezo.

## Ingeri z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
1) Ni ubuhe buryo bwifashishwa basukura urugo?	1. Gukuraho ibyatsi n'ibihuru bikikije urugo, Gukubura no koza mu nzu
2) Vuga bimwe mu bikoresho byifashishwa mu isuku y'urugo.	2. Umweyo, umukoropesho, agatambaro k'isukura, amazi, n'isabuni yabigenewe.

### – Gutandukanya uburyo bukoreshwa mu gusukura urugo n'aharukikije

Mu kiganiro nyunguranabitekerezo, abanyeshuri bari mu matsinda mato (5-8), mwarimu abaza ibibazo hagamijwe gusobanukirwa uburyo n'ibikoresho bifashisha mu gusukura mu rugo n'aharukikije

## Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Igisubizo
1. Ni ubuhe buryo mwakoresha mu gukuraho ibihatiro by'ibiribwa/ imyanda ibakikije?	1. Kubishyira mungarane cyangwa mu mifuka yabugenewe bikajyanwa mu ngarane rusange (cyane cyane mu Migi).
2. Ni ubuhe buryo bwo gusukura: <ul style="list-style-type: none"> <li>- Ibirahure?</li> <li>- Amazu atarimo sima?</li> <li>- Gusukura ahakikije urugo?</li> </ul>	2. - Ibirahure bihanagurwaho ivumbi ndetse bikoza hakoreshejwe isabune <ul style="list-style-type: none"> <li>- Gusukamo amazi mbere yo gukubura kugira ngo umukungugu udatumuka</li> <li>- Gukubura ahakikije urugo, guharura ibyatsi no gusiba ibyobo birekamo amazi y'imvura.</li> </ul>

– **Imyitozo**

Mwarimu asaba abanyeshuri mu matsinda mato (5-8) gusukura ishuri ryabo hakurikijwe amabwiriza abahaye.

**7.3.5 Isomo rya 5: Umumaro wo gusukura ahadukikije**

**Intego z’isomo**

Kumenya umumaro wo gusukura ahadukijike

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umunyeshuri, amashusho mfashanyigisho n’imfashanyigisho zerekana akamaro ko gusukura ahadukikije.

**Uburyo bwo kwigisha**

– **Intangiriro**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, ababaza ibibazo hagamijwe kuganira ku kamaro ko gusukura ahadukikije.

**Ingero z’ibibazo n’ibisubizo byabyo**

Gusukura ahadukikije bituma twirinda indwara ziterwa n’umwanda, bituma kandi tuba ahantu heza, bidufasha kurengera ibidukikije.

<b>Ibibazo</b>	<b>Ibisubizo</b>
1. Kuki kwa muganga hahora harangwa n’isuku?	1. Ni uko ahatari isuku, umwanda utera indwara aho kwandurira indwara, kandi kwa muganga
2. Ni izihe ngaruka ziterwa n’isuku idahagije?	2. Indwara zandura zikwirakwizwa n’umwanda.

– **Gusobanura umumaro wo gusukura ahadukikije**

Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda mato (5-8), abasaba kuganira bungurana ibitekerezo ku mumaro wo gusukura ahadukikije.

Mwarimu ayobora abanyeshuri mu gikorwa na buri tsinda. Bahuriza hamwe ibyavuye mu matsinda atandukanye, mwarimu amaze kubikorera ubugororangingo.

## Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
1. Vuga akamaro ko gusukura ahadukikije	1. - Biturinda indwara ziterwa n'isuku nke - Aho turi haba hagaragara neza
2. Twakwirinda dute izo ndwara?	2. Dukaraba buri gihe intoki: mbere na nyuma yo kurya igihe tuvuye mu bwiherero.

### – Imyitozo

Umwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda akabasobanurira imikino bari bukine: Buri tsinda riba rigizwe n'abanyeshuri. Amatsinda ane akina umukino wo kujugunya imyanda mu kibuga.

### Uko ukinwa:

Amatsinda abiri ajugunya imyanda mu kibuga, andi abiri akajya atoragura imyanda ayishyira mu dufuka hanyuma ikajyanwa mu ngarane yabugenewe.

Andi matsinda ane akora umwitozo wo gusukura ishuri: abiri arakubura ndetse agakoropa ishuri (iyo nta sima, itsinda rimwe rimenamo amazi irindi rigakubura).

Andi matsinda 2 asukura ibirahure (ahanagura umukungugu ndetse yoza n'ibirahure hakorehejwe isabune yabugenewe).

Umwarimu agenda anyura mu matsinda areba ko abanyeshuri babikora uko yabibasobanuriye.

Nyuma y'umwitozo mwarimu abasaba kwishimira umuco wabo wo kwigira ahantu heza. Abaza ikibazo gikurikira:

Mwishimiye kwigira mu ishuri risukuye? Yego/Oya

### – Umukoro

Uhereye ku buryo wize bw'umumaro wo gusukura ahadukikije, ganira n'ababyeyi uko mukwiye kujya musukura mu rugo iwanyu n'aharukikije.

– **Mvumbuye ko:**

Gusukura ishuri n’aharikikije ari ngombwa kuko: Biturinda indwara ziterwa n’isuku nke kandi bidufasha kwigira ahantu heza, hagaragara neza.

**7.3.6 Isomo rya 6: Isuzuma rikomatanya**

**Intego z’isomo**

Nyuma y’uyu mutwe abanyeshuri baraba bashobora:

- Gutandukanya amoko y’imyanda,
- Gusukura ahadukikije n’umumaro wabyo.

**Imfashanyigisho:**

Igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umunyeshuri, amashusho mfashanyigisho n’imfashanyigisho zifatika harimo amazi, imyeyo, igitambaro, isabune, umukoropesho, udutebo two gushyiramo imyanda/udufuka n’ingarane.

**Uburyo bw’isuzuma**

– **Intangiriro**

Mwarimu abaza ibibazo ku masomo yose agize uyu mutwe. Isuzuma rigizwe n’ibibazo abana bashobora gukorera mu matsinda n’ibyo umwana ubwe akora, iri suzuma kandi riha umwanya munini ubumenyi n’ubumenyi ngiro.

## Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
1. Tanga ingero 3 z'imyanda ibora?	1. Amase, ibihatiro by'ibiribwa, amababi y'ibiti.
2. Tanga ingero 3 z' imyanda itabora?	2. Amacupa, amasashe n'ibyuma
3. Vuga uburyo bwo kwita ku myanda?	3. Kuvangura imyanda (ibora n'itabora), kuyishyira mu ngarane (ibora ukwayo n'itabora ukwayo) no guta mu cyobo kirekire imyanda irimo uburozi.
4. Ni gute wasukura urugo n'aharukikije?	4. Gukubura, gutoragura imyanda, gukoropa mu nzu n'ahandi hose hubakishije sima, guhanagura ivumbi ku birahure no kubyoza hifashishijwe amazi n'isabune.
5. Vuga umumaro wo gusukura ahadukikije.	5. Biturinda indwara ziterwa n'isuku nke, bidufasha kuba ahantu heza twishimiye.

### – Imyitozo

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda bagakina umukino ukurikira:

1. Kujugunya umwanda no gusukura aho waguye
2. Gusukura ibirahure bakuraho ivumbi ndetse banabyoza bakoresheje isabune
3. Gusukura imbere mu ishuri: Gukubura / gukoropa.
4. Kuvanga imyanda ibora n'itabora, abanyeshuri bayivangura.

### Icyitonderwa:

Kwibutswa ko amashuri/inzu zitarimo sima babanza kumenamo amazi mbere yo gusukura hasi.

## UMUTWE WA

# 8

## UMUBIRI W'UMUNTU

### 8.1 Intego z'umutwe

- Kurondora no gutandukanya ibice bigize umubiri w'umuntu
- Kurondora umumaro w'ibice bigize umubiri w'umuntu
- Gusobanura uburyo bita ku bice by'umubiri w'umuntu

### 8.2 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gutandukanya ibice bigize umubiri w'umuntu, umumaro wabyo no kuwugirira isuku.

### 8.3 Uruhererekane rw'amasomo

#### 8.3.1 Isomo rya 1: Ibice bigize umubiri w'umuntu

*Igitabo cy'umunyeshuri, p 57*

#### Intego z'isomo

- Nyuma y'isomo abanyeshuri baraba bashobora:
  - Gutandukanya ibice by'ingenzi bigize umubiri w'umuntu.

#### Imfashanyigisho:

Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho mfashanyigisho, Imfashanyigisho zifatika: igishushanyo cyerekana ku buryo bugaragara umutwe, igihimba, amaboko n'amaguru.

#### Uburyo bwo kwigisha

##### – Intangiriro

Umwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda mato mato (5-8) akababaza ibibazo bibafasha kumenya ko umubiri w'umuntu ugizwe n'ibice bitandukanye.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo:

Ibibazo	Ibisubizo
1. Umubiri w'umuntu ugizwe n'ibice bitandukanye?	1. Yego
2. Ibice by'ingezi by'umubiri w'umuntu ni bingahe?	2. Ni ibice bitatu
3. Ni ikihe gice cy'umubiri w'umuntu gifite umumaro kurusha ibindi?	3. Ibice by'ingenzi by'umubiri w'umuntu biruzuzanya.

#### – Kwitegereza / gukorakora

Umwarimu ashyira Abanyeshuri mu matsinda mato (5-8) abasaba kwitegereza no gukorakora ishusho y'umubiri w'umuntu.

#### – Kurondora

Mwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza / gukorakora ishusho y'umuntu maze bakarondora ibice babona biwubatswe.

Ashyira abanyeshuri mu matsinda akababaza ibibazo bibafasha gutandukanya ibice by'ingenzi by'umubiri w'umuntu.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo:

Ibibazo	Ibisubizo
1. Erekana aho umutwe uhera n'aho ugera	1. Kuva ku gihimba gusubiza hejuru hose
2. Erekana aho akaguru gahera n'aho kagera	2. Kuva ku gihimba kugera ku kirenge
3. Umubiri w'umuntu ugizwe n'ibice bingahe? Bivuge?	3. Umubiri w'umuntu ugizwe n'ibice bitatu: Umutwe, igihimba, amaguru n'amaboko.

#### – Kwitegereza no gutandukanya ibice bigize umubiri w'umuntu

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabaha amashusho yerekana ibice by'umubiri w'umuntu. Ababaza ibibazo bibafasha gutandukanya ibice by'ingenzi by'umubiri w'umuntu.



### **Ingero:**

- Ni ikihe gice cy'umubiri kiri hagati y'umutwe n'amaguru?
- Erekana aho umutwe uhera n'aho ugera.

Abanyeshuri mu matsinda yabo bungurana ibitekerezo berekana umutwe, ibigize igihimba, ibigize amaboko n'amaguru.

Umwari mu ahitamo umunyeshuri muri buri tsinda akajya imbere akereka bagenzi be ibice bigize umubiri w'umuntu. Mu rindi tsinda ahitamo uwerekana igihimba naho uwo mu itsinda rya gatatu akerekana ibice bigize amaguru n'amaboko kuri aya amashusho.

### **– Imyitozo**

Umwari mu yereka abanyeshuri uko bakina umukino: Manzi / Mukamanzi aravuze. Uyu mwitozo ufasha abanyeshuri gusubiramo ibice bigize umubiri w'umuntu binyuze mu mukino kandi ufasha umwana kwita kubyo mwarimu akora.

### **Uburyo bawukina:**

1. Umunyeshuri umwe ubishaka araba Manzi cyangwa Mukamanzi ukurikije ko ari umuhungu cyangwa umukobwa.
2. Abanyeshuri bose bajya ku ruziga bareba Manzi / Mukamanzi.
3. Mwarimu asobanura kandi yerekana ko:
  - Abanyeshuri bagomba gukora icyo Manzi / Mukamazi asabye gukora.
  - Urugero niba Manzi avuze ati "Manzi aravuze ngo mufate amano yanyu", abanyeshuri bose bagomba gufata ku mano yabo.
  - Niba Manzi avuze ati "simbuka" adatangiyeye avuga ngo "Manzi aravuze ngo.."abanyeshuri ntibazakurikiza amabwiriza.
  - icyangombwa ni ukumva ijamba ngo "Manzi aravuze" mu ntangiriro y'amabwiriza.
  - Manzi azagerageza gukoresha abanyeshuri amakosa. Urugero, "Manzi aravuze ngo mufate ku mazuru yanyu, musimbuke, mwizengurukeho", hari abanyeshuri bazatangira

kwizengurukaho batumvise ko mugenzi wabo atatanze amabwiriza ayatangijengo “Manzi aravuze”.

- Mu gihe umunyeshuri akoze igikorwa Manzi atavuze ngo “Manzi aravuze ngo”, uwo munyeshuri aricara abandi bagakomeza.

4. Guhitamo undi mwana na we akaba Manzi / Mukamanzi nyuma y’akanya akabakoresha imyitozo.

– **Mvumbuye ko:**

Umubiri w’umuntu ugizwe n’ibice bitatu: Umutwe, igihimba, amaguru n’amaboko.

### **8.3.2 Isomo rya 2: Akamaro k’ibice bigize umubiri w’umuntu**

*Igitabo cy’umunyeshuri, p 58*

#### **Intego z’isomo**

Nyuma y’isomo abanyeshuri baraba bashobora:

Kurondora umumaro w’ibice bigize umubiri w’umuntu

#### **Imfashanyigisho:**

Igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umunyeshuri, amashusho mfashanyigisho, Imfashanyigisho zifatika: igishushanyo cyerekana umutwe, igihimba, amaboko n’amaguru.

#### **Isubiramo**

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bize mu isomo ribanza. Ahereye ku ishusho mfashanyigisho arabaza abanyeshuri ibibazo by’isubiramo ku mubiri w’umuntu:

#### **Urugero rw’ibibazo n’ibisubizo**

<b>Ibibazo</b>	<b>Ibisubizo</b>
1. Ni ibihe bice bigize umubiri w’umuntu?	1. Ibice bigize umubiri ni umutwe, igihimba, amaboko n’amaguru.
2. Ni ibice by’ingenzi bingahe bigize umubiri w’umuntu	2. Bitatu

– **Kwitegereza / gukorakora**

Umwari mu asaba abanyeshuri kwitegereza / gukorakora ibice bigize umubiri w’umuntu kuva ku mutwe kugeza ku kirenge. Asaba abanyeshuri kugereranya ibice babonye ku ishusho n’ibyo babona ku mubiri wabo.

– **Kurondora ibice by’ingenzi bigize umubiri w’umuntu**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza / gukorakora amashusho ari mu gitabo cy’umunyeshuri.

Mwarimu asaba abanyeshuri bari mu matsinda kurondora umumaro w’ibice bigize umubiri w’umuntu: umutwe, igihimba, amaboko n’amaguru.

– **Gutandukanya umumaro w’ibice bigize umubiri w’umuntu**

Mwarimu afasha abanyeshuri gutandukanya umumaro w’ibice bigize umubiri w’umuntu.

**Umutwe:** Kwikorera, gutekereza

**Igihimba:** Guhuza ibice by’umubiri by’ingenzi bisigaye

**Amaboko n’amaguru**

Bituma umuntu ashobora kugenda no gukora imirimo inyuranye ariko cyane cyane ibibice bifasha umuntu gukora imyitozo ngororamubiri (kwiruka, gusimbuka, kwinanura, gukoma amashyi, n’ibindi)

– **Mvumbuye ko:**

Umubiri w’umuntu ugizwe n’ibice bitandukanye kandi buri kimwe cyuzuzwa ikindi

**Umutwe:** Udufasha twikorera cyangwa gutekereza

**Igihimba:** Gihuza ibindi bice by’ingenzi bisigaye

**Amaguru n’amaboko:** Adufasha kugenda, gusimbuka, no mu myitozo ngororamubiri muri rusange. By’umwihariko amaboko adufasha mu gukora imirimo inyuranye.

### 8.3.3 Isomo rya 3:

### Uburyo bwo gusukura ibice bitandukanye by'umubiri

*Igitabo cy'umunyeshuri, p 59- 63*

#### Intego z'isomo

Nyuma y'isomo abanyeshuri baraba bashobora:

- Gusobanura uburyo bwo gusukura ibice binyuranye bigize umubiri w'umuntu.

#### Imfashanyigisho:

Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho mfashanyigisho, amazi, ibase n'isabune, kandagira ukarabe, umupira wo gukina, umugozi wo gusimbuka, uburoso bwo koza amenyo, umuti wo koza amenyo.

#### Uburyo bwo kwigisha

##### – Intangiriro

Mwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo birebana n'umubiri w'umuntu: Ibice by'ingenzi, akamaro ka buri gice.

##### – Kwitegereza / gukorakora

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza / gukorakora amashusho bahawe agaragaza uburyo bunyuranye bwo gusukura umubiri w'umuntu muri rusange no gukora isuku ya bimwe mu bice bigize umubiri w'umuntu.

**Ingero:** Koza amenyo, gukaraba intoki no guca inzara.

*Igitabo cy'umunyeshuri, p 59- 61*

##### – Kurondora

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda mato. Abasaba gusubiza ibibazo mu kiganiro nyunguranabitekerezo ku buryo bwo gusukura umubiri w'umuntu.

## Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
1. Ni ubuhe buryo bw'ingenzi mu gusukura umubiri w'umuntu?	1. Kwiyuhagira, gukaraba intoki n'inzara, koza mu kanwa no gukora imyitozo ngororamubiri,....
2. Ni ryari ari ngombwa gukaraba intoki?	2. Umuntu avuye mu bwihereho, mbere na nyuma yo kurya.

### – Gutandukanya uburyo ibice bigize umubiri w'umuntu bikorerwa isuku

Ashingiye ku buryo abanyeshuri batanze bwifashishwa mu kugirira isuku ibice bigize umubiri wabo, umwarimu asaba abanyeshuri gusukura umubiri wabo:

- Biyuhagira hakoreshejwe isabune yabugenewe n'amazi.
- Bakaraba intoki mbere na nyuma yo gufata ifunguro, igihe bavuye mu bwihereho cyangwa gukina.
- Boza mu kanwa. Bikorwa bakibyuka na nyuma yo gufata ifunguro. Mu gihe boza mu kanwa kandi bakoresha uburoso bwoza n'umuti w'amenyo.
- Gukora neza imyitozo ngororamubiri.

### – Imyitozo

Mbere yo gutanga isomo rijyanye no kwita ku bice bigize umubiri w'umuntu, umwarimu azaba yateguye ibikoresho mfashanyigisho.

### Ingero:

1. Gukaraba intoki n'inzara no guca inzara: amazi, akuma gaca inzara isabune n'igitambaro cyo kwihanagura.
2. Koza mu kanwa: amazi, uburoso bwoza amenyo n'umuti woza amenyo n'igikombe cyo gusukamo amazi.
3. Gusukura amazuru: umuswari.

4. Mu mikino ngororamubiri: imipira yo gukina (iri ku kigero cyabo), umugozi wo gusimbuka. Mbere yuko uburyo bwo kwita ku mubiri ubwo ari bwo bwose bukoreshwa atanga n'amabwiriza aribukurikizwe mu mwitozo runaka.


### **Umukino: Gusukura neza intoki**

#### **Uburyo ukinwa**

1. Abanyeshuri berekwa aho batangirira ku mpera imwe y'aho bakinira, mwarimu ahaca umurongo akoresheje ingwa cyangwa ikindi kintu kigaragara.
2. Mwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda y'abanyeshuri 6-8.
3. Asaba buri tsinda gukora umurongo ugororotse inyuma y'umurongo batangiriraho.
4. Ashyira indobo irimo amazi meza imbere ya buri tsinda kurundi ruhande rw'ikibuga.
5. Ashyira agace k'isabune iruhande rwa ya ndobo irimo amazi meza.
6. Umwarimu yibutsa abanyeshuri ko buri wese agomba kugira uruhare muri uyu mukino.
7. Abanyeshuri bagenda basimburana biruka berekeza ku ndobo, gufata isabune no koza ibiganza byabo mu maseconda icumi (babara bavuga n'ijwi rirenga).
8. Umunyeshuri urangije gukaraba intoki asubiza isabune mu mwanza wayo, akagaruka yiruka agasubira mu itsinda rye
9. Umunyeshuri utahiwe kwiruka atangira kwirukanka igihe uwo akurikira amaze kugaruka mu itsinda.
10. Umukino urangira igihe abanyeshuri bose birukanse kandi bakarabye intoki

#### **Icyitonderwa:**

Abana bashobora kurenza amasegonda icumi avugwa mu mukino kuko ikigenderewe ni ugukaraba neza intoki zigacya si ugukaraba vuba.



Igishushanyo cyerekana uburyo abanyeshuri bahagarara ku murongo

#### Mvumbuye ko:

- Gusukura umubiri bivuga ni ukwiyuhagira umubiri wose
- Gukaraba intoki cyane cyane mbere na nyuma yogufata ifunguro.
- Koza amenyo mu gitondo tubyutse na nyuma yo gufungura.

#### 8.3.4 Isomo rya 4: Isuzuma rikomatanya

##### Intego z'isomo

Nyuma y'uyu mutwe, abanyeshuri baraba bashobora:

- Kurondora no gutandukanya ibice bigize umubiri w'umuntu.
- Gusonanura uburyo basukura ibice by'ingenzi bigize umubiri w'umuntu.
- Kurondora umumaro w'ibice bigize umubiri w'umuntu.

##### Imfashanyigisho:

Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho mfashanyigisho n'imfashanyigisho zifatika harimo ibase, igikombe, amazi, igitambaro cy'amazi, uburoso bw'amenyo, umuti wo koza amenyo, umupira wo gukina n'umugozi wo gusimbuka.

## Uburyo bw'isuzuma

### – Intangiriro

Umwari mu abaza ibibazo by'isubiramo ku masomo baheruka kwiga.

### Ingero z'ibibazo by'isubiramo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
1. Vuga ibice bigize umubiri w'umuntu.	1. Umutwe, igihimba, amaguru n'amaboko.
2. Tanga ingero 3 z'uburyo bwo gusukura umubiri wacu.	2. Gukaraba intoki, kwiyuhagira, gukora imyitoto ngororamubiri,...
3. Vuga akamaro ko gukaraba intoki.	3. Biturinda indwara ziterwa n'umwanda.
4. Kuki ari ngombwa koza mu kanwa?	4. Biturinda indwara zifata mu kanwa kandi bidufasha gufata neza amenyo yacu.
5. Ni ibihe bikoresho byifashishwa mu gukaraba intoki? Mu koza mu kanwa?	5. <b>Gukaraba intoki:</b> Igikombe, indobo/ibase, isabune, igitambaro cy'amazi n'amazi. <b>Koza mu kanwa:</b> uburoso bw'amenyo, umuti wo koza amenyo, amazi n'igikombe.



## Ingero z'ibibazo by'isuzuma rikomatanya n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
<p>1. Vuga ibice bigize umubiri w'umuntu.</p> <p>2. Vuga akamaro k'ibice by'umubiri w'umuntu bikurikira</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Umutwe</li> <li>- Igihimba</li> <li>- Amaguru n'amaboko</li> </ul>	<p>1. Umutwe, igihimba, amaguru n'amaboko.</p> <p>2. <b>Umutwe:</b> Gutekereza no kwikorera.</p> <p><b>Igihimba:</b> Guhuza ibice by'ingenzi by'umubiri bisigaye.</p> <p><b>Amaguru n'amaboko:</b> Amaboko n'amaguru bidufasha mu kugenda, gusimbuka no mu myitozo ngororamubiri muri rusange. By'umwihariko, amaboko adufasha mu gukora imirimo inyuranye (imirimo y'amaboko n'isuku,.).</p>
<p>3. Tanga ingero 3 z'uburyo bwo gusukura umubiri wacu.</p>	<p>3. Gukaraba intoki, kwiyuhagira, gukora imyitozo ngororamubiri,...</p>
<p>4. Vuga akamaro ko gukaraba intoki.</p>	<p>4. Biturinda indwara ziterwa n'umwanda.</p>
<p>5. Kuki ari ngombwa koza mu kanwa?</p>	<p>5. Biturinda indwara zifata mu kanwa kandi bidufasha gufata neza amenyo yacu.</p>
<p>6. Ni ibihe bikoresho byifashishwa mu gukaraba intoki? Mu koza mu kanwa?</p>	<p>6. <b>Gukaraba intoki:</b> Isabune n'amazi.</p> <p><b>Koza mu kanwa:</b> Uburoso bw'amenyo, umuti wo koza amenyo n'amazi.</p>



## UMUTWE WA

# 9

## IBIKORESHA N'IBIKORESHO

### 9.1 Intego z'umutwe

- Gusobanura ijambo “igikoreshwa”
- Gutandukanya ibikoreshwa n'ibikoresho

### 9.2 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gushobora gutandukanya ibikoreshwa n'ibikoresho binyuranye

#### Imfashanyigisho:

Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho mfashanyigisho n'imfashanyigisho zifatika harimo ubutaka, urutare, imbaho, amazi, amabuye y'agaciro, ipamba, impu n'ubwoya bw'inyamaswa, umucanga, ibumba, inyubako, imodoka, imihanda, amateme, amato, ikanya, isabune, ikirahure, urupapuro n'isima.

### 9.3 Uruhererekana rw'amasomo

#### 9.3.1 Isomo rya 1: Ibikoreshwa karemano

*Igitabo cy'umunyeshuri, p 66*

#### Intego z'isomo

- Gusobanura ijambo igikoreshwa
- Kurondora ibikoreshwa biri mu karere ishuri rihereyemo

#### Uburyo bwo kwigisha

##### – Intangiriro

Mwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda mato (5-8), ababaza ibibazo hagamijwe gusobanura ijambo “igikoreshwa” no gutanga ingero z'ibikoreshwa biri mu karere ishuri rihereyemo.

Guhuza ibyavuye mu matsinda, mwarimu maze kubikorera ubugororangingo.

## Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
1. Ni iki babumbamo amatafari?	1. Itaka ry'ibumba
2. Amatafari bayakoresha iki?	2. Bayubakisha inzu

Igitaka = Igikoreshwa

Amatafari = Igikoresho

Igikoreshwa ni ikintu icyo ari cyo cyose gishobora kubyazwamo ikindi kintu gifite akamaro.

**Ingero:** ubutaka, urutare, amazi, amabuye y'agaciro, umucanga n'ibumba.

### – Kwitegereza / Gukorakora

Umwari mu aya abanyeshuri hanze y'ishuri abasaba kwitegereza ibikoreshwa karemano biboneka mu karere ishuri rihereyemo.

### – Kurondora

Mwarimu asaba abanyeshuri bari mu matsinda kurondora amazina y'ibikoreshwa karemano babonye.

### **Ingero:**

Ubutaka, urutare, amazi, amabuye y'agaciro, impu n'ubwoya bw'inyamaswa, umucanga n'ibumba.

### – Gutandukanya ibikoreshwa n'ibikoresho ushingiyeye ku kamaro kabyo

Umwari mu aya abanyeshuri mu matsinda mato, abasaba ukora ikiganiro nyunguranabitekerezo kibafasha gutandukanya ibikoreshwa n'ibikoresho.

Mwarimu abasaba kuganira basubiza ibibazo bikurikira.

## Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
<p>1. Ni iki kiranga ibikoreshwa?</p> <p>2. Watandukanya ute igikoreshwa n'igikoresho</p> <p>3. Vuga akamaro k'ibikoreshwa bikurikira: Ubutaka, amazi, amabuye y'agaciro, umucanga n'ibumba</p>	<p>1. Kuba cyabyazwamo igikoresho</p> <p>2. Igikoreshwa ni ikintu cyose gishobora kuba cyahindurwa kikabyara igikoresho</p> <p>3. <b>Ubutaka:</b> tubuturaho, tubwubakaho, tubuteraho ibiti,....</p> <p><b>Amazi:</b> Turayanywa, turayiyuhagira, tuyuhiza imyaka, tuyameshesha imyenda, tuyakoresha mu isuku</p> <p><b>Amabuye y'agaciro:</b> Turayagurisha tukabona amadevize, ubukungu bukiyongera</p> <p><b>Umucanga:</b> Tuwukoresha mu bwubatsi</p> <p><b>Ibumba:</b> Turikoramo ibikoresho binyuranye: imbabura za rondereza, amavaze ashyirwamo indabyo, amatafari, amashusho,.....</p>

– **Imyitozo**

Umwari mu ashyamba abanyeshuri mu matsinda akabaha amashusho ahagije ashushanyijeho ibikoreshwa bakavuga amazina yabyo n’akamaro kabyo.

– **Isuzuma**

Umwari mu ashyamba abanyeshuri mu matsinda akabaha ibibazo by’isuzuma akurikirana buri tsinda kugira ngo ariyobore mu gikorwa.

**Ingero z’ibibazo n’ibisubizo**

<b>Ibibazo</b>	<b>Ibisubizo</b>
<b>1. Igikoreshwa ni iki?</b>	Ni ikintu icyo ari cyo cyose gishora kubyazwamo ikindi gifite akamaro.
<b>2. Tanga ingero 4 z’ibikoreshwa ubona aho mutuye.</b>	Amazi, ubutaka, umucanga, n’amabuye y’agaciro.

– **Mvumbuye ko:**

Igikoreshwa ni ikintu icyo ari cyo cyose gishobora kubyazwamo igikoresho gifite umumaro.

Ibikoreshwa karemano ari ibikoreshwa bitahanzwe n’umuntu kandi bimwe muri byo bishobora kubyazwamo ibikoresho binyuranye.

**Urugero:**

Ubutaka (ibumba) babukoramo ibikoresho binyuranye bikenerwa mu buzima.

**9.3.2 Isomo rya 2: Ibikoresho**

*Igitabo cy’umunyeshuri, p 67*

**Intego z’isomo**

Kurondora ibikoreshwa birimu karere ishuri rihereyemo

### **Imfashanyigisho:**

Igitabo cy'umwarimu, Igitabo cy'umunyeshuri, amashusho mfashanyigisho n'imfashanyigisho zifatika harimo inyubako zitandukanye, amato, ikanya, isahane, isabune, ikirahure, urupapuro, isima, imodoka, imihanda, amateme n'ibindi.

### **Uburyo bwo kwigisha**

#### **– Intangiriro**

Umwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda y'abanyeshuri 6 muri buri tsinda bakaganira hagamijwe kumva icyo igikoreshwa kitari karemano aricyo no gutanga ingero z'ibikoreshwa bitari karemano.

### **Ingero:**

- Igikoreshwa ni igikoreshwa cyahanzwe/cyakoze n'abantu
- Ingero z'ibikoresho: Inyubako zitandukanye, amato, ikanya, isahane, isabune, ikirahure, urupapuro, isima, imodoka, imihanda n'amateme.

#### **– Kwitegereza**

Umwarimu ashobora kuzana mu ishuri bimwe mu bikoresho ashobora kandi kujyana abanyeshuri hanze y'ishuri bakitegereza ibiboneka mu karere ishuri ryubatsemo.

#### **– Kurondora bidukikije**

Mwarimu asaba abanyeshuri bari mu matsinda kurondora amazina y'ibikoreshwa babonye.

**Ingero:** Inyubako zitandukanye, imodoka, igare, imihanda n'amateme,...

#### **– Gutandukanya ibikoresho ushingiyeye ku kamaro kabyo**

Umwarimu asaba abanyeshuri bari mu matsinda kurondora bashingiyeye ku mumaro, itandukaniro riri hagati y'ibikoreshwa n'ibikoresho babonye bashingiyeye ku kamaro kabyo. Mwarimu abayobora mu kiganiro nyungurana bitekerezo ababaza ibibazo.

## Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
<p><b>1. Ni iki kiranga ibikoresho bitari karemano?</b></p> <p><b>2. Vuga akamaro k'ibikoresho bikurikira:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Inyubako zitandukanye</li> <li>- Imodoka</li> <li>- Igare</li> <li>- Imihanda</li> <li>- Amateme</li> </ul>	<p>1. Ni ibintu byakozwe n'umuntu kandi bishobora guhindurirwa ukobiteye cyangwa bikavugururwa</p> <p><b>2. Inyubako zitandukanye:</b> Abantu bazibamo, izindi bazicururizamo, hari izikoreshwa nk'amashuri, ibitaro n'inzu z'ubuyobozi,....</p> <p><b>Imodoka:</b> Zitwara abantu n'ibintu.</p> <p><b>Igarere:</b> Ritwara abantu n'ibintu</p> <p><b>Imihanda:</b> Ifasha abantu kugenderana, guhahirana, gukura abantu mu bwigunge,.....</p> <p><b>Amateme:</b> Afasha abantu guhahirana no gusurana.</p>

### – Imyitozo

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda abaha amashusho ahagije ashushanyijeho ibikoresho. Abanyeshuri barondora amazina yabyo n'akamaro kabyo.

### – Isuzuma

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda abaha ibibazo by'isuzuma, akurikirana buri tsinda kugira ngo abayobore mu gikorwa.



## Ingero z'ibibazo by'isuzuma n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
1. Sobanura icyo igikoresho ari cyo	1. Niikintu cyakozwe na muntu kandi gishobora guhindurwa uko biteye
2. Tanga ingero 3 z'ibikoresho ubona aho mutuye.	2. Inyubako, isahane, isima
3. Vuga akamaro k'ibikoresho n'ibikoreshwa bikurikira: <ul style="list-style-type: none"><li>• Inyubako</li><li>• Isahane</li><li>• Isima</li></ul>	3. <b>Inyubako:</b> Abantu bazibamo, izindi zikorwamo imirimo itandukanye. Urugero: kwiga, kuvura, ubucuruzi n'ibindi <b>Isahane:</b> Abantu bayiriraho <b>Isima:</b> ikoreshwa mu kubaka inyubako zikomeye: inzu, amateme, imihanda n'ibindi.

### – Mvumbuye ko:

**Ibikoresho** ari ibintu dukenera mu buzima bwa buri muni.

Byakozwe n'abantu kandi bishobora guhindurirwa uko biteye kandi bishobora gukoreshwa mu mirimo inyuranye.

## Ingero z'ibikoresho n'umumaro wabyo

Igikoresho	Umumaro
Inyubako:	Abantu bazibamo, izindi zikoreshwa imirimo inyuranye
Isahane	Abantu bayiriraho
Amato	Akoreshwa mu kwambutsa abantu n'ibintu/guhahirana hagati y'abatuye hakurya no hakuno y'amazi (ikiyaga, inyanja, imigezi minini,..)
Isima	Ikoreshwa mu kubaka inyubako zikomeye: amazu, amateme, imihanda..

### 9.3.3 Isomo rya 3: Isuzuma rikomatanya

#### Intego z'isomo

Nyuma y'ikigwa, abanyeshuri baraba bashobora:

Kurondora no kwerekana ibikoreshwa karemano n'ibitari karemano n'akamaro kabyo.

#### Imfashanyigisho:

Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho mfashanyigisho n'imfashanyigisho zifatika harimo ubutaka, urutare, imbaho, amazi, amabuye y'agaciro, ipamba, impu n'ubwoya bw'inyamaswa, umucanga, ibumba, inyubako, imodoka, imihanda, amateme, amato, ikanya, isabune, ikirahure, urupapuro, isima n'ibindi.

## Uburyo bwo kwigisha

### – Isubiramo / Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo by'isubiramo ku masomo baheruka kwiga.

### Ingero z'ibibazo n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
1. Sobanura icyo igikoreshwa ari cyo?	1. Igikoreshwa ni ikintu icyo ari cyo cyose gishobora kubyazwa mo ikindi gifite umumaro
2. Tanga ingero 4 z'ibikoreshwa karemano,	2. Ubutaka, umucanga, amazi, amabuye y'agaciro
3. Tanga ingero 4 z'ibikoreshwa bitari karemano	3. Inyubako, isahane, amato, isima

### – Imyitozo

Umwarimu afatanyije n'abanyeshuri bibukiranya ibiranga ibikoreshwa n'ibikoresho

Umwarimu agenzura ibyo abanyeshuri baganira akabayobora mu gikorwa.

Umwarimu atoza abanyeshuri gukorera hamwe no kuzuzanya, agashimira abanyeshuri bakoze neza.

## Ingero z'ibibazo by'isuzuma n'ibisubizo byabyo

Ibibazo	Ibisubizo
1) Tanga ingero 4 z'ibikoreshwa	1) Ubutaka, ibumba, amazi, amabuye y'agaciro.
2) Tanga ingero 4 z'ibikoreshwa bitari karemano	2) Inyubako, isahane, amato n'isima.
3) Vuga umumaro w'ibikoreshwa karemano bikurikira: Ubutaka, amazi, amabuye y'agaciri, Umucanga n'ibumba.	<p>3) <b>Ubutaka:</b> Gutura, gukora imirimo inyuranye n'ibikoreso bitandukanye</p> <p><b>Amazi:</b> Imirimo inyuranye no kuyabyaza ingufu</p> <p><b>Amabuye y'agaciro:</b> Kongera ubukungu no kuyabyazamo ibikoresho dukeneye</p> <p><b>Umucanga:</b> Kuwukoresha mu mirimo inyuranye no kuwukoresha ibikoresho by'ibanze nko mu bwubatsi</p> <p><b>Ibumba:</b> Gukora ibikoresho binyuranye: Imbaburaza rondereza, amavaze ashwirwamo indabyo, amatafari, amashusho,.....</p>

Shyira ibi kurikira mu matsinda yabyo: ishyamba, isumo, intebe ya pulastique, ameza, amabuye, umucanga, terefone, ingorofani, gasegereti, impapuro, ishuri, isima, imisumari, ubutare, icyayi, ikawa, umuhanda n'urusengero.

<b>Ibikoreshwa</b>	<b>Ibikoresho</b>
1. ishyamba, amabuye	1. intebe ya purasitiki, ameza
2. isima, umucanga	2. terefoni, ingorofani
3. gasegereti, ubutare	3. impapuro, ishuri
4. igiti cya kawa	4. isima, imisumari
	5. icyayi, umuhanda
	6. urusengero





